



Umwaka wa 63  
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe  
Bis yo ku wa 19/04/2024

Year 63  
Official Gazette n° Special Bis of  
19/04/2024

63<sup>ème</sup> Année  
Journal Officiel n° Spécial Bis du  
19/04/2024

***Ibirimo/Summary/Sommaire***

***page/urup.***

**Itegeko n° 041/2024 ryo ku wa 19/04/2024** rihindura Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko ..... 2

**Law n° 041/2024 of 19/04/2024** amending Law n° 30/2018 of 02/06/2018 determining the jurisdiction of courts..... 2

**Loi n° 041/2024 du 19/04/2024** modifiant la Loi n° 30/2018 du 02/06/2018 déterminant la compétence des juridictions..... 2

**Itegeko n° 042/2024 ryo ku wa 19/04/2024** rigenga impunzi n'abasaba sitati y'ubuhunzi mu Rwanda ..... 8

**Law n° 042/2024 of 19/04/2024** governing refugees and applicants for refugee status in Rwanda..... 8

**Loi n° 042/2024 du 19/04/2024** régissant les réfugiés et les demandeurs du statut de réfugié au Rwanda ..... 8

**Iteka rya Perezida n° 051/01 ryo ku wa 19/04/2024** rigenga Inama y'Ubujurire ku mpunzi n'abasaba sitati y'ubuhunzi ..... 37

**Presidential Order n° 051/01 of 19/04/2024** governing the Appeal Tribunal for refugees and applicants for refugee status ..... 37

**Arrêté Présidentiel n° 051/01 du 19/04/2024** régissant le Conseil d'appel pour les réfugiés et les demandeurs du statut de réfugié ..... 37

<p><b>ITEGEKO N° 041/2024 RYO KU WA 19/04/2024 RIHINDURA ITEGEKO N° 30/2018 RYO KU WA 02/06/2018 RIGENA UBUBASHA BW'INKIKO</b></p> <p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere:</u> Ububasha busanzwe bw'Urukiko Rukuru ku rwego rwa mbere</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 2:</u> Ingingo y'ururimi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 3:</u> Gutangira gukurikizwa</b></p>	<p><b>LAW N° 041/2024 OF 19/04/2024 AMENDING LAW N° 30/2018 OF 02/06/2018 DETERMINING THE JURISDICTION OF COURTS</b></p> <p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p> <p><b><u>Article One:</u> Ordinary jurisdiction of the High Court at first instance</b></p> <p><b><u>Article 2:</u> Language provision</b></p> <p><b><u>Article 3:</u> Entry into force</b></p>	<p><b>LOI N° 041/2024 DU 19/04/2024 MODIFIANT LA LOI N° 30/2018 DU 02/06/2018 DÉTERMINANT LA COMPÉTENCE DES JURIDICTIONS</b></p> <p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p> <p><b><u>Article premier:</u> Compétence ordinaire de la Haute Cour au premier degré</b></p> <p><b><u>Article 2:</u> Disposition linguistique</b></p> <p><b><u>Article 3:</u> Entrée en vigueur</b></p>
--	---	--

<p><b>ITEGEKO N° 041/2024 RYO KU WA 19/04/2024 RIHINDURA ITEGEKO N° 30/2018 RYO KU WA 02/06/2018 RIGENA UBUBASHA BW'INKIKO</b></p> <p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p> <p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</b></p> <p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</b></p> <p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 19 Mata 2024;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo ya 64 n'ya 153;</p> <p>Isubiye ku Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 47;</p>	<p><b>LAW N° 041/2024 OF 19/04/2024 AMENDING LAW N° 30/2018 OF 02/06/2018 DETERMINING THE JURISDICTION OF COURTS</b></p> <p><b>We, KAGAME Paul,</b> President of the Republic;</p> <p><b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</b></p> <p><b>THE PARLIAMENT:</b></p> <p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 19 April 2024;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64 and 153;</p> <p>Having reviewed Law n° 30/2018 of 02/06/2018 determining the jurisdiction of courts, especially in Article 47;</p>	<p><b>LOI N° 041/2024 DU 19/04/2024 MODIFIANT LA LOI N° 30/2018 DU 02/06/2018 DÉTERMINANT LA COMPÉTENCE DES JURIDICTIONS</b></p> <p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République;</p> <p><b>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</b></p> <p><b>LE PARLEMENT:</b></p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 19 avril 2024;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en ses article 64 et 153;</p> <p>Revu la Loi n° 30/2018 du 02/06/2018 déterminant la compétence des juridictions, spécialement en son article 47;</p>
---	---	--

<b>YEMEJE:</b>	<b>ADOPTS:</b>	<b>ADOPTÉ:</b>
<p><b><u>Ingingo ya mbere:</u> Ububasha busanzwe bw’Urukiko Rukuru ku rwego rwa mbere</b></p> <p>Ingingo ya 47 y’Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw’inkiko ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«</p> <p>(1) Urukiko Rukuru ruburanisha ku rwego rwa mbere:</p> <p>(a) ibirego byerekeranye no gukuraho ibyemezo by’ubutegetsi byafashwe ku rwego rwa nyuma na Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w’Umutwe w’Abadepite, Minisitiri w’Intebe, Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n’abandi bagize Guverinoma, iyo byafashwe hadakurikijwe amategeko, byafashwe n’abatabifitiye ububasha cyangwa barengereye ububasha bahawe;</p> <p>(b) ibirego bisaba indishyi zishingiye ku byemezo biteganyijwe mu gaka ka (a) k’iki gika;</p>	<p><b><u>Article One:</u> Ordinary jurisdiction of the High Court at first instance</b></p> <p>Article 47 of Law n° 30/2018 of 02/06/2018 determining the jurisdiction of courts is amended as follows:</p> <p>“</p> <p>(1) The High Court tries at first instance:</p> <p>(a) applications seeking the annulment of administrative decisions taken in the last instance by the President of the Republic, President of the Senate, Speaker of the Chamber of Deputies, Prime Minister, Ministers and Ministers of State and other Cabinet members, which decisions are illegally taken, taken by incompetent authorities or authorities who act beyond the powers entrusted to them;</p> <p>(b) applications seeking damages based on the decisions provided for in Subparagraph (a) of this Paragraph;</p>	<p><b><u>Article premier:</u> Compétence ordinaire de la Haute Cour au premier degré</b></p> <p>L’article 47 de la Loi n° 30/2018 du 02/06/2018 déterminant la compétence des juridictions est modifié comme suit:</p> <p>«</p> <p>(1) La Haute Cour connaît au premier degré:</p> <p>(a) des requêtes en annulation des décisions administratives prises au dernier degré par le Président de la République, par le Président du Sénat, par le Président de la Chambre des Députés, par le Premier Ministre, par les Ministres et les Secrétaires d’État et par les autres membres du Gouvernement, lesquelles décisions sont prises illégalement, prises par une autorité incompétente ou en cas d’excès de pouvoir;</p> <p>(b) des requêtes en réclamation de dommages et intérêts basés sur les décisions prévues à l’alinéa (a) du présent paragraphe;</p>

*Official Gazette n° Special Bis of 19/04/2024*

<p>(c) ibirego bisaba ivanwaho ry'ibyemezo by'ubutegetsi cyangwa indishyi zikomoka mu kutubahiriza amategeko agenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta byafashwe n'abayobozi bateganyijwe mu gaka ka (a) k'iki gika;</p>	<p>(c) applications seeking the annulment of administrative decisions or seeking damages arising from non-compliance with laws governing public service, which decisions are taken by authorities provided for in Subparagraph (a) of this Paragraph;</p>	<p>(c) des requêtes en annulation des décisions administratives ou en dommages et intérêts résultant de la violation des lois régissant la fonction publique, lesquelles décisions sont prises par les autorités prévues à l'alinéa (a) du présent paragraphe;</p>
<p>(d) ibirego byerekeranye n'ubutabangikanywa bw'imirimo ya Leta itorerwa n'idatorerwa.</p>	<p>(d) claims relating to incompatibilities between elective and non-elective public functions.</p>	<p>(d) des requêtes relatives aux incompatibilités attachées aux fonctions publiques électives et non électives.</p>
<p>(2) Urukiko Rukuru ruburanisha ikirego kijyanye no koherereza ikindi gihugu umunyamahanga ucyekwaho icyaha.</p>	<p>(2) The High Court tries a claim relating to extradition of a foreigner suspected of having committed an offence.</p>	<p>(2) La Haute Cour connaît la requête relative à l'extradition d'un étranger soupçonné d'avoir commis une infraction.</p>
<p>(3) Urukiko Rukuru ruburanisha kandi ikirego cy'usaba sitati y'ubuhunzi n'icy'impunzi ku cyemezo cyafashwe n'Inama y'Ubujurire –</p>	<p>(3) The High Court also tries a claim of an applicant for refugee status and that of a refugee decided by the Appeal Tribunal, and –</p>	<p>(3) La Haute Cour connaît également le recours du demandeur de statut de réfugié et celui du réfugié contre la décision rendue par le Conseil d'Appel, et –</p>
<p>(a) rukemeza icyemezo cy'Inama y'Ubujurire ;</p>	<p>(a) confirms the decision of the Appeal Tribunal; or</p>	<p>(a) confirme la décision du Conseil d'Appel; ou</p>
<p>(b) cyangwa rugasaba Inama y'Ubujurire gusuzuma ikirego bundi bushya.</p>	<p>(b) refers the claim to the Appeal Tribunal for reconsideration.</p>	<p>(b) renvoie la requête devant le Conseil d'Appel pour réexamen.</p>
<p>(4) Icyemezo Urukiko Rukuru rufashe hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya</p>	<p>(4) The decision of the High Court taken in accordance with the provisions of</p>	<p>(4) La décision de la Haute Cour prise conformément aux dispositions du</p>

*Official Gazette n° Special Bis of 19/04/2024*

<p>(3) cy'iyi ngingo ntikijuririrwa.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 2: Ingingo y'ururimi</u></b></p> <p>Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 3: Gutangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>Paragraph (3) of this article is not subject to appeal.”</p> <p><b><u>Article 2: Language provision</u></b></p> <p>This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 3: Entry into force</u></b></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>paragraphe (3) du présent article n'est pas susceptible d'appel.»</p> <p><b><u>Article 2: Disposition linguistique</u></b></p> <p>La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 3: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	---	--

*Official Gazette n° Special Bis of 19/04/2024*

Kigali, 19/04/2024

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w’Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**  
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**  
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

<p><b>ITEGEKO N° 042/2024 RYO KU WA 19/04/2024 RIGENGA IMPUNZI N'ABASABA SITATI Y'UBUHUNZI MU RWANDA</b></p>	<p><b>LAW N° 042/2024 OF 19/04/2024 GOVERNING REFUGEES AND APPLICANTS FOR REFUGEE STATUS IN RWANDA</b></p>	<p><b>LOI N° 042/2024 DU 19/04/2024 RÉGISSANT LES RÉFUGIÉS ET LES DEMANDEURS DU STATUT DE RÉFUGIÉ AU RWANDA</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIERES</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></b></p>	<p><b><u>Article One: Purpose of this Law</u></b></p>	<p><b><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Interpretation</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Interprétation</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: GUSABA SITATI Y'UBUHUNZI</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: APPLICATION FOR REFUGEE STATUS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II: DEMANDE DU STATUT DE RÉFUGIÉ</u></b></p>
<p><b><u>Icyiciro cya mbere: Ibishingirwaho mu kwemererwa sitati y'ubuhunzi n'impamvu zo kutayemererwa</u></b></p>	<p><b><u>Section One: Criteria for refugee status eligibility and grounds for refugee status ineligibility</u></b></p>	<p><b><u>Section première: Critères d'éligibilité au statut de réfugié et les motifs de non-éligibilité au statut de réfugié</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Ibishingirwaho mu kwemererwa sitati y'ubuhunzi</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Criteria for refugee status eligibility</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Critères d'éligibilité au statut de réfugié</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Impamvu zo kutemererwa sitati y'ubuhunzi</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Grounds for refugee status ineligibility</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Motifs de non-éligibilité au statut de réfugié</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Kugaragaza umuntu urebererwa n'usaba sitati y'ubuhunzi</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Declaration of a dependent of applicant for refugee status</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Déclaration d'une personne à charge du demandeur du statut de réfugié</u></b></p>



<p><b><u>Icyiciro cya 2:</u> Gufata icyemezo ku madosiye y’abasaba sitati y’ubuhunzi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 6:</u> Ubuyobozi bushinzwe gufata icyemezo ku madosiye y’abasaba sitati y’ubuhunzi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Inshingano z’Urwego</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 8:</u> Uburyo bwo gusaba sitati y’ubuhunzi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 9:</u> Gusaba sitati y’ubuhunzi bikoze n’umuntu usanzwe aba mu Rwanda</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Uruhushya rw’agateganyo rwo kuba mu Rwanda</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 11:</u> Ikiganiro n’usaba sitati y’ubuhunzi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 12:</u> Gusuzuma ubusabe bwa sitati y’ubuhunzi no gufata icyemezo</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 13:</u> Kumenyesha usaba sitati y’ubuhunzi icyemezo cyafashwe ku busabe</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 14:</u> Gutanga sitati y’ubuhunzi ku bantu bahunze mu kivunge</b></p>	<p><b><u>Section 2:</u> Decision-making on files of applicants for refugee status</b></p> <p><b><u>Article 6:</u> Authority in charge of decision-making on files of applicants for refugee status</b></p> <p><b><u>Article 7:</u> Responsibilities of the Organ</b></p> <p><b><u>Article 8:</u> Procedures for application for refugee status</b></p> <p><b><u>Article 9:</u> Application for refugee status by a person living in Rwanda</b></p> <p><b><u>Article 10:</u> Temporary residence permit</b></p> <p><b><u>Article 11:</u> Interview with the applicant for refugee status</b></p> <p><b><u>Article 12:</u> Consideration of the application for refugee status and decision-making</b></p> <p><b><u>Article 13:</u> Notifying the applicant for refugee status of the decision taken</b></p> <p><b><u>Article 14:</u> Granting refugee status to persons in mass influx situations</b></p>	<p><b><u>Section 2:</u> Prise de décision sur les dossiers des demandeurs du statut de réfugié</b></p> <p><b><u>Article 6:</u> Autorité chargée de la prise de décision sur les dossiers des demandeurs du statut de réfugié</b></p> <p><b><u>Article 7:</u> Attributions de l’Organe</b></p> <p><b><u>Article 8:</u> Modalités de demande du statut de réfugié</b></p> <p><b><u>Article 9:</u> Demande du statut de réfugié par une personne résidant au Rwanda</b></p> <p><b><u>Article 10:</u> Permis de séjour temporaire</b></p> <p><b><u>Article 11:</u> Interview avec le demandeur du statut de réfugié</b></p> <p><b><u>Article 12:</u> Examen de la demande du statut de réfugié et prise de décision</b></p> <p><b><u>Article 13:</u> Notification au demandeur du statut de réfugié de la décision prise</b></p> <p><b><u>Article 14:</u> Octroi du statut de réfugié aux personnes ayant fui en masse</b></p>
--	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 15:</u> Inama y'Ubujurire</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 16:</u> Kuregera icyemezo cy'Inama y'Ubujurire</b></p> <p><b>UMUTWE WA III: IMICUNGIRE Y'IMPUNZI N'ABASABA SITATI Y'UBUHUNZI</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 17:</u> Kwandikwa n'ibyangombwa bihabwa uwahawe sitati y'ubuhunzi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 18:</u> Kudahabwa sitati y'ubuhunzi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 19:</u> Gutuza impunzi n'usaba sitati y'ubuhunzi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Ubufasha buhabwa impunzi n'abasaba sitati y'ubuhunzi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Uburenganzira n'inshingano by'impunzi n'usaba sitati y'ubuhunzi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 22:</u> Ishyingirwa ry'impunzi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 23:</u> Ishyirwaho ry'ububiko bw'imyirondoro n'andi makuru y'impunzi n'abasaba sitati y'ubuhunzi</b></p>	<p><b><u>Article 15:</u> Appeal Tribunal</b></p> <p><b><u>Article 16:</u> Filing a claim against the decision of the Appeal Tribunal</b></p> <p><b>CHAPTER III: MANAGEMENT OF REFUGEES AND APPLICANTS FOR REFUGEE STATUS</b></p> <p><b><u>Article 17:</u> Registration and documents issued to a person granted refugee status</b></p> <p><b><u>Article 18:</u> Denial of refugee status</b></p> <p><b><u>Article 19:</u> Settlement of a refugee and an applicant for refugee status</b></p> <p><b><u>Article 20:</u> Assistance to refugees and applicants for refugee status</b></p> <p><b><u>Article 21:</u> Rights and obligations of a refugee and applicant for refugee status</b></p> <p><b><u>Article 22:</u> Marriage of refugee</b></p> <p><b><u>Article 23:</u> Establishment of a database of profiles and other information of refugees and applicants for refugee status</b></p>	<p><b><u>Article 15:</u> Conseil d'appel</b></p> <p><b><u>Article 16:</u> Introduction d'une requête contre la décision du Conseil d'appel</b></p> <p><b>CHAPITRE III: GESTION DES RÉFUGIÉS ET DES DEMANDEURS DU STATUT DE RÉFUGIÉ</b></p> <p><b><u>Article 17:</u> Enregistrement et les documents octroyés à une personne ayant obtenu le statut de réfugié</b></p> <p><b><u>Article 18:</u> Refus du statut de réfugié</b></p> <p><b><u>Article 19:</u> Installation d'un réfugié et d'un demandeur du statut de réfugié</b></p> <p><b><u>Article 20:</u> Assistance aux réfugiés et aux demandeurs du statut de réfugié</b></p> <p><b><u>Article 21 :</u> Droits et devoirs d'un réfugié et d'un demandeur du statut de réfugié</b></p> <p><b><u>Article 22:</u> Mariage d'un réfugié</b></p> <p><b><u>Article 23:</u> Mise en place d'une base de données des profils et d'autres informations des réfugiés et des demandeurs du statut de réfugié</b></p>
--	---	---

<b><u>Ingingo ya 24:</u> Gushakira impunzi ibisubizo birambye</b>	<b><u>Article 24:</u> Quest for durable solutions for refugees</b>	<b><u>Article 24:</u> Recherche des solutions durables pour les réfugiés</b>
<b><u>Ingingo ya 25:</u> Kurangira kwa sitati y'ubuhunzi</b>	<b><u>Article 25:</u> Cessation of refugee status</b>	<b><u>Article 25:</u> Cessation du statut de réfugié</b>
<b><u>Ingingo ya 26:</u> Kwamburwa sitati y'ubuhunzi</b>	<b><u>Article 26:</u> Revocation of refugee status</b>	<b><u>Article 26:</u> Révocation du statut de réfugié</b>
<b><u>Ingingo ya 27:</u> Kutirukanwa</b>	<b><u>Article 27:</u> Non-refoulement</b>	<b><u>Article 27:</u> Non-refoulement</b>
<b><u>UMUTWE WA IV:</u> INGINGO ZISOZA</b>	<b><u>CHAPTER IV:</u> FINAL PROVISIONS</b>	<b><u>CHAPITRE IV:</u> DISPOSITIONS FINALES</b>
<b><u>Ingingo ya 28:</u> Ingingo y'ururimi</b>	<b><u>Article 28:</u> Language provision</b>	<b><u>Article 28:</u> Disposition linguistique</b>
<b><u>Ingingo ya 29:</u> Ingingo ivanaho</b>	<b><u>Article 29:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 29:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 30:</u> Gutangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 30:</u> Entry into force</b>	<b><u>Article 30:</u> Entrée en vigueur</b>

<p><b>ITEGEKO N° 042/2024 RYO KU WA 19/04/2024 RIGENGA IMPUNZI N'ABASABA SITATI Y'UBUHUNZI MU RWANDA</b></p>	<p><b>LAW N° 042/2024 OF 19/04/2024 GOVERNING REFUGEES AND APPLICANTS FOR REFUGEE STATUS IN RWANDA</b></p>	<p><b>LOI N° 042/2024 DU 19/04/2024 RÉGISSANT LES RÉFUGIÉS ET LES DEMANDEURS DU STATUT DE RÉFUGIÉ AU RWANDA</b></p>
<p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p>	<p><b>We, KAGAME Paul,</b> <b>President of the Republic;</b></p>	<p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République;</p>
<p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</b></p>	<p><b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</b></p>	<p><b>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</b></p>
<p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</b></p>	<p><b>THE PARLIAMENT:</b></p>	<p><b>LE PARLEMENT :</b></p>
<p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 19 Mata 2024;</p>	<p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 19 April 2024;</p>	<p>La Chambre des Députés, en sa séance du 19 avril 2024;</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64;</p>
<p>Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye sitati y'ubuhunzi yashyiriweho umukono i Genève ku wa 28 Nyakanga 1951 yemerewe gukurikizwa na Repubulika y'u</p>	<p>Pursuant to the Convention relating to the Status of Refugees signed in Geneva on 28 July 1951, accessed to by Decree-Law n° 29/79 of 22 October 1979 and confirmed by</p>	<p>Vu la Convention relative au statut des réfugiés signée à Genève le 28 juillet 1951 à laquelle le Rwanda a adhéré par le Décret-Loi n° 29/79 du 22 octobre 1979 et confirmé par la</p>

**Official Gazette n° Special Bis of 19/04/2024**

<p>Rwanda n’Itegeko-Teka n° 29/79 ryo ku wa 22 Ukwakira 1979, yemejwe n’Itegeko n° 01/82 ryo ku wa 26 Mutarama 1982, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 35;</p> <p>Ishingiye ku Masezerano y’Ingereka yo ku wa 31 Mutarama 1967 yerekeye sitati y’ubuhunzi u Rwanda rwemeye kuba kimwe mu bihugu biyakurikiza binyujijwe mu Itegeko-Teka n° 29/79 ryo ku wa 22 Ukwakira 1979, ryemejwe n’Itegeko n° 01/82 ryo ku wa 26 Mutarama 1982, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2;</p> <p>Ishingiye ku Masezerano y’Umuryango w’Ubumwe bw’Afurika yo ku wa 10 Nzeri 1969 agenga ibibazo byihariye by’impunzi muri Afurika, u Rwanda rwemeye kuba kimwe mu bihugu biyakurikiza binyujijwe mu Itegeko-Teka n° 30/79 ryo ku wa 22 Ukwakira 1979, ryemejwe n’Itegeko n° 01/82 ryo ku wa 26 Mutarama 1982, cyane cyane mu ngingo yayo ya 3;</p> <p>Isubiye ku Itegeko n° 13ter/2014 ryo ku wa 21/05/2014 ryerekeye impunzi;</p> <p><b>YEMEJE:</b></p>	<p>Law n° 01/82 of 26 January 1982, especially in Article 35;</p> <p>Pursuant to the Protocol of 31 January 1967 relating to the status of refugees to which Rwanda accessed by Decree-Law n° 29/79 of 22 October 1979 and confirmed by Law n° 01/82 of 26 January 1982, especially in Article 2;</p> <p>Pursuant to the OAU Convention of 10 September 1969 governing the Specific Aspects of Refugee Problems in Africa to which Rwanda accessed by Decree-Law n° 30/79 of 22 October 1979 and confirmed by Law n° 01/82 of 26 January 1982, especially in Article 3;</p> <p>Having reviewed Law n° 13ter/2014 of 21/05/2014 relating to refugees;</p> <p><b>ADOPTS:</b></p>	<p>Loi n° 01/82 du 26 janvier 1982, spécialement en son article 35;</p> <p>Vu le Protocole du 31 janvier 1967 relatif au statut des réfugiés auquel le Rwanda a adhéré par le Décret-Loi n° 29/79 du 22 octobre 1979 et confirmé par la Loi n° 01/82 du 26 janvier 1982, spécialement en son article 2;</p> <p>Vu la Convention de l’OUA du 10 septembre 1969 régissant les aspects propres aux problèmes des réfugiés en Afrique à laquelle le Rwanda a adhéré par le Décret-Loi n° 30/79 du 22 octobre 1979 et confirmé par la Loi n° 01/82 du 26 janvier 1982, spécialement en son article 3;</p> <p>Revu la Loi n° 13ter/2014 du 21/05/2014 relative aux réfugiés ;</p> <p><b>ADOPTE:</b></p>
---	--	---

<b>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</b>	<b>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</b>	<b>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</b>
<b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></b>	<b><u>Article One: Purpose of this Law</u></b>	<b><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></b>
Iri tegeko rigenga ibyerekeye –	This Law governs –	La présente loi régit –
(a) gusaba sitati y’ubuhunzi;	(a) application for refugee status; and	(a) la demande du statut de réfugié ; et
(b) n’imicungire y’impunzi n’abasaba sitati y’ubuhunzi.	(b) management of refugees and applicants for refugee status.	(b) la gestion des réfugiés et des demandeurs du statut de réfugié.
<b><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></b>	<b><u>Article 2: Interpretation</u></b>	<b><u>Article 2: Interprétation</u></b>
Muri iri tegeko:	In this Law:	Dans la présente loi:
(a) « <b>impunzi</b> » bivuga umuntu wemerewe sitati y’ubuhunzi hakurikijwe iri tegeko n’amasezerano mpuzamahanga yerekeye impunzi yemejwe burundu n’u Rwanda;	(a) “ <b>refugee</b> ” means a person who has been granted refugee status in accordance with this Law and international conventions relating to refugees ratified by Rwanda;	(a) « <b>réfugié</b> » signifie une personne qui a obtenu le statut de réfugié conformément à la présente loi et aux conventions internationales relatives aux réfugiés ratifiées par le Rwanda;
(b) “ <b>Inama y’Ubujurire</b> ” bivuga urwego rusuzuma ibibazo by’utanyuzwe n’icyemezo cy’Urwego ku basaba sitati y’ubuhunzi.	(b) “ <b>Appeal Tribunal</b> ” means an organ that considers claims from an applicant’s for refugee status who is not satisfied with the decision of the Organ.	(b) « <b>Conseil d’appel</b> » signifie l’entité qui examine les plaintes d’un demandeur de statut des réfugiés qui n’est pas satisfait de la décision de l’Organe;
(c) « <b>Minisiteri</b> » bivuga Minisiteri ifite impunzi mu nshingano;	(c) “ <b>Ministry</b> ” means the Ministry in charge of refugees;	(c) « <b>Ministère</b> » signifie le Ministère ayant les réfugiés dans ses attributions;

*Official Gazette n° Special Bis of 19/04/2024*

<p>(d) « <b>Minisitiri</b> » bivuga Minisitiri ufite impunzi mu nshingano;</p> <p>(e) « <b>ubutaka bw'u Rwanda</b> » bivuga imbago z'ubutaka bwa Repubulika y'u Rwanda ziteganywa n'amategeko y'u Rwanda n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu;</p> <p>(f) « <b>umuntu urebererwa</b> » harimo uwashyiranywe n'undi, abana babo bari muni y'imyaka 18 cyangwa bafite kuva ku myaka 18 kugeza kuri 25 iyo biga mu buryo buhoraho kandi batarashyirirwa, ugize umuryango ku rwego rwa kabiri rw'ubuvandimwe nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga, undi muntu ushobora gufatwa nk'ugize umuryango byemejwe n'Urwego;</p> <p>(g) « <b>Urwego</b> » bivuga urwego rufite abinjira n'abasohoka mu nshingano;</p> <p>(h) « <b>usaba sitati y'ubuhunzi</b> » bivuga umuntu usaba kwemererwa kuba impunzi.</p>	<p>(d) “<b>Minister</b>” means the Minister in charge of refugees;</p> <p>(e) “<b>Rwandan territory</b>” means boundaries of the Republic of Rwanda as defined by laws of Rwanda and international conventions ratified by Rwanda;</p> <p>(f) “<b>dependent</b>” includes a spouse, their children under 18 years old or aged from 18 to 25 years if they are still pursuing full-time education and not married, a family member at the second degree of kinship as provided for by relevant legal provisions, any other person who may be considered as a family member upon approval by the Organ;</p> <p>(g) “<b>Organ</b>” means the organ in charge of immigration and emigration;</p> <p>(h) “<b>applicant for refugee status</b>” means a person applying for refugee status.</p>	<p>(d) «<b>Ministre</b>» signifie le Ministre ayant les réfugiés dans ses attributions;</p> <p>(e) «<b>territoire rwandais</b>» signifie les frontières du Rwanda telles que définies par les lois du Rwanda et les conventions internationales ratifiées par le Rwanda ;</p> <p>(f) « <b>personne à charge</b> » comprend un époux, leurs enfants âgés de moins de 18 ans ou âgés de 18 à 25 ans lorsqu'ils poursuivent des études à temps plein et qui ne sont pas mariés, un membre de la famille au deuxième degré de parenté tel que prévu par les dispositions légales en la matière, autre personne pouvant être considérée comme un membre de la famille après l'approbation de l'organe ;</p> <p>(g) «<b>Organe</b>» signifie l'organe ayant l'immigration et l'émigration dans ses attributions;</p> <p>(h) «<b>demandeur du statut de réfugié</b> » signifie une personne qui demande le statut de réfugié.</p>
---	---	--

<b>UMUTWE WA II: GUSABA SITATI Y'UBUHUNZI</b>	<b>CHAPTER II: APPLICATION FOR REFUGEE STATUS</b>	<b>CHAPITRE II: DEMANDE DU STATUT DE RÉFUGIÉ</b>
<p><b>Icyiciro cya mbere:</b> Ibishingirwaho mu kwemererwa sitati y'ubuhunzi n'impamvu zo kutayemererwa</p>	<p><b>Section One:</b> Criteria for refugee status eligibility and grounds for refugee status ineligibility</p>	<p><b>Section première:</b> Critères d'éligibilité au statut de réfugié et les motifs de non-éligibilité au statut de réfugié</p>
<p><b>Ingingo ya 3:</b> Ibishingirwaho mu kwemererwa sitati y'ubuhunzi</p>	<p><b>Article 3:</b> Criteria for refugee status eligibility</p>	<p><b>Article 3:</b> Critères d'éligibilité au statut de réfugié</p>
<p>Umuntu yemererwa sitati y'ubuhunzi iyo –</p>	<p>A person is eligible for refugee status if –</p>	<p>Une personne est éligible au statut de réfugié lorsque –</p>
<p>(a) atinya gutotezwa bitewe n'ubwoko bwe, idini rye, ubwenegihugu bwe, itsinda ry'abantu runaka abarizwamo cyangwa ibitekerezo bye bya politiki cyangwa izindi mpamvu ziyanye no kurengera ubuzima bwe kandi akaba adashobora kurengerwa n'igihugu ahunga;</p>	<p>(a) he or she has a well-founded fear of persecution due to his or her race, religion, nationality, membership of a particular social group or political opinion or other reasons relating to the protection of his or her life and he or she cannot obtain protection from the country he or she is fleeing; or</p>	<p>(a) elle craint d'être persécutée du fait de sa race, de sa religion, de sa nationalité, de son appartenance à un groupe social particulier ou de ses opinions politiques ou autres motifs relatifs à la protection de sa vie et qu'elle ne peut pas obtenir la protection du pays qu'il fuit; ou</p>
<p>(b) cyangwa yimutse aho yari asanzwe atuye kugira ngo ashake sitati y'ubuhunzi ahandi hantu hanze y'igihugu akomokamo cyangwa abereye umwenegihugu bitewe n'uko icyo gihugu cyigaruriwe n'abanyamahanga cyangwa bitewe n'ibindi bikorwa byahungabanyije bikomeye umudendezo w'igice cyacyo cyangwa wacyo cyose.</p>	<p>(b) he or she leaves his or her place of habitual residence in order to seek refugee status in another place outside his or her country of origin or nationality due to an external occupation or events seriously disturbing public order of the part or the whole country.</p>	<p>(b) elle quitte sa résidence habituelle pour demander le statut de réfugié dans un autre endroit à l'extérieur de son pays d'origine ou du pays dont elle a la nationalité du fait d'une agression, d'une occupation étrangère ou des événements troublant gravement l'ordre public de la partie ou de la totalité du pays.</p>



<p><b><u>Ingingo ya 4: Impamvu zo kutemererwa sitati y’ubuhunzi</u></b></p> <p>Hatitawe ku biteganywa n’ingingo ya 3 y’iri tegeko, umuntu ntiyemererwa sitati y’ubuhunzi mu gihe hari impamvu zumvikana zo gukeka ko –</p> <p>(a) yakoze icyaha kibangamira amahoro, icy’intambara, icya jenocide cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu nk’uko biteganywa n’amategeko y’u Rwanda n’amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu;</p> <p>(b) yahamijwe n’inkiko ibyaha binyuranyije n’intego n’amahame y’ingenzi by’Umuryango w’Abibumbye n’iby’Umuryango w’Afurika Yunze Ubumwe;</p> <p>(c) cyangwa akurikiranyweho gukora icyaha cy’ubugome kidafitanye isano na politiki, mbere y’uko asaba sitati y’ubuhunzi mu Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 4: Grounds for refugee status ineligibility</u></b></p> <p>Without consideration of provisions of Article 3 of this Law, a person is ineligible for refugee status if there are reasonable grounds to believe that –</p> <p>(a) he or she has committed a crime against peace, war crime, crime of genocide and other crimes against humanity as defined by Rwandan laws and international conventions ratified by Rwanda and;</p> <p>(b) he or she has been convicted of offences contrary to the main purposes and principles of the United Nations and of the African Union; or</p> <p>(c) he or she is prosecuted for a felony other than a politically-motivated crime before he or she applies for refugee status in Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 4: Motifs de non-éligibilité au statut de réfugié</u></b></p> <p>Sans considération des dispositions de l’article 3 de la présente loi, une personne n’est pas éligible au statut de réfugié lorsqu’il existe des motifs valables laissant présumer que –</p> <p>(a) elle a commis un crime contre la paix, un crime de guerre, un crime de génocide et autres crimes contre l’humanité tels que définis par la législation rwandaise et les conventions internationales ratifiées par le Rwanda;</p> <p>(b) elle a été reconnue coupable d’infractions contraires aux principaux buts et principes des Nations Unies et de l’Union Africaine; ou</p> <p>(c) elle fait l’objet de poursuites pour crime non politiquement motivé avant qu’elle ne demande le statut de réfugié au Rwanda.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Kugaragaza umuntu urebererwa n’usaba sitati y’ubuhunzi</u></b></p> <p>Usaba sitati y’ubuhunzi wifuzza ko umuntu</p>	<p><b><u>Article 5: Declaration of a dependent of applicant for refugee status</u></b></p> <p>An applicant for refugee status who wishes his</p>	<p><b><u>Article 5: Déclaration d’une personne à charge du demandeur du statut de réfugié</u></b></p> <p>Un demandeur du statut de réfugié qui</p>

<p>areberera uri kumwe na we cyangwa ukiri mu nzira aje amukurikiye ahabwa sitati y'ubuhunzi, amugaragaza mu gihe asaba sitati y'ubuhunzi.</p> <p><b><u>Iciviro cya 2:</u> Gufata icyemezo ku madosiye y'abasaba sitati y'ubuhunzi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 6:</u> Ubuyobozi bushinzwe gufata icyemezo ku madosiye y'abasaba sitati y'ubuhunzi</b></p> <p>Urwego ni rwo rushinzwe gufata icyemezo ku madosiye y'abasaba sitati y'ubuhunzi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Inshingano z'Urwego</b></p> <p>Mu byerekeranye n'impunzi n'abasaba sitati y'ubuhunzi, Urwego rushinzwe ibi bikurikira:</p> <p>(a) kwakira, kwandika no gusuzuma dosiye z'abasaba sitati y'ubuhunzi no kuzifataho icyemezo;</p> <p>(b) gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubujurire bijyanye n'impaka zerekeye sitati y'ubuhunzi;</p>	<p>or her dependent, who accompanied him or her or who is still enroute has refugee status, he or she declares him or her during the application for refugee status.</p> <p><b><u>Section 2:</u> Decision-making on files of applicants for refugee status</b></p> <p><b><u>Article 6:</u> Authority in charge of decision-making on files of applicants for refugee status</b></p> <p>The Organ is responsible for decision-making on files of applicants for refugee status.</p> <p><b><u>Article 7:</u> Responsibilities of the Organ</b></p> <p>In matters of refugees and applicants for refugee status, the Organ is responsible for the following:</p> <p>(a) to receive, register and consider files of applicants for refugee status and to take decision on these files;</p> <p>(b) to implement decisions of the Appeal Tribunal in regards to refugee status disputes;</p>	<p>souhaite que la personne à sa charge qui l'accompagne ou étant encore en route bénéficie du statut de réfugié, il la déclare lors de la demande du statut de réfugié.</p> <p><b><u>Section 2:</u> Prise de décision sur les dossiers des demandeurs du statut de réfugié</b></p> <p><b><u>Article 6:</u> Autorité chargée de la prise de décision sur les dossiers des demandeurs du statut de réfugié</b></p> <p>L'Organe est chargé de prendre la décision sur les dossiers des demandeurs du statut de réfugié.</p> <p><b><u>Article 7:</u> Attributions de l'Organe</b></p> <p>En matière des réfugiés et des demandeurs du statut de réfugié, l'Organe est chargé de ce qui suit:</p> <p>(a) recevoir, enregistrer et examiner les dossiers des demandeurs du statut de réfugié et prendre les décisions sur ces dossiers;</p> <p>(b) exécuter les décisions du Conseil d'Appel concernant les litiges relatifs au statut de réfugié;</p>
--	--	---

<p>(c) kubika amakuru y'impunzi n'ay'abasaba sitati y'ubuhunzi;</p> <p>(d) gutanga –</p> <p>(i) uruhushya rw'agateganyo rwo kuba mu gihugu k'usaba sitati y'ubuhunzi;</p> <p>(ii) n'indangamuntu n'urwandiko rw'inzira by'impunzi;</p> <p>(e) kumenyesha Minisitiri ubusabe bwa sitati y'ubuhunzi n'ibyemezo byabufashweho;</p> <p>(f) kurinda amakuru yatanze mu gusuzuma ubusabe bw'abasaba sitati y'ubuhunzi.</p>	<p>(c) to keep data of refugees and applicants for refugee status;</p> <p>(d) to issue –</p> <p>(i) temporary residence permit to an applicant for refugee status; and</p> <p>(ii) refugee identification card and travel document;</p> <p>(e) to inform the Minister on applications for refugee status and the decisions taken on these applications;</p> <p>(f) to protect information obtained during the consideration of application for applicants for refugee status.</p>	<p>(c) garder les données des réfugiés et des demandeurs du statut de réfugié;</p> <p>(d) octroyer –</p> <p>(i) le permis de séjour temporaire a un demandeur du statut de réfugié ; et</p> <p>(ii) la carte d'identité et le document de voyage de réfugié;</p> <p>(e) informer le Ministre sur les demandes du statut de réfugié et des décisions prises sur ses demandes;</p> <p>(f) protéger des informations obtenues au cours de l'examen de la demande des demandeurs du statut de réfugié.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 8: Uburyo bwo gusaba sitati y'ubuhunzi</u></b></p> <p>(1) Usaba sitati y'ubuhunzi agomba kuba yageze ku butaka bw'u Rwanda kandi akabimenyesha ibiro by'Urwego byegerereye aho yinjiriye mu minsi irindwi yinjiye kugira ngo asabe sitati y'ubuhunzi kandi yiyandikishe nk'ugasabye sitati y'ubuhunzi.</p>	<p><b><u>Article 8: Procedures for application for refugee status</u></b></p> <p>(1) An applicant for refugee status must be on the Rwandan territory and report to the nearest office of the Organ within seven days after entry for refugee status application and registration as an applicant for refugee status.</p>	<p><b><u>Article 8: Modalités de demande du statut de réfugié</u></b></p> <p>(1) Un demandeur du statut de réfugié doit être sur le territoire rwandais et se présenter au bureau le plus proche de l'Organe endéans sept jours suivant son entrée pour la demande du statut de réfugié et l'enregistrement en tant que demandeur du statut de réfugié.</p>

<p>(2) Usaba sitati y'ubuhunzi ashobora kandi kubimenyesha ubuyobozi bw'ibanze bugahita bumugeza ku biro by'Urwego biri hafi kugira ngo asabe sitati y'ubuhunzi kandi yiyandikishe nk'uwasabye sitati y'ubuhunzi.</p> <p>(3) Usaba sitati y'ubuhunzi ashyikiriza Urwego ubusabe mu nyandiko ikubiyemo impamvu z'ubusabe bwe n'ibimenyetso, iyo bihari.</p>	<p>(2) The applicant for refugee status may also report to the local authority which immediately takes him or her to the nearest office of the Organ for refugee status application and registration as an applicant for refugee status.</p> <p>(3) The applicant for refugee status submits to the Organ a written application comprising grounds for his or her application and evidence, if any.</p>	<p>(2) Le demandeur du statut de réfugié peut également se présenter à l'autorité locale qui le conduit immédiatement au bureau le plus proche de l'Organe pour la demande du statut de réfugié et l'enregistrement en tant que demandeur du statut de réfugié.</p> <p>(3) Le demandeur du statut de réfugié adresse à l'Organe une demande écrite comprenant les raisons de sa demande et les preuves, le cas échéant.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 9:</u> Gusaba sitati y'ubuhunzi bikoze n'umuntu usanzwe aba mu Rwanda</b></p>	<p><b><u>Article 9:</u> Application for refugee status by a person living in Rwanda</b></p>	<p><b><u>Article 9:</u> Demande du statut de réfugié par une personne résidant au Rwanda</b></p>
<p>Umuntu usanzwe aba mu Rwanda mu buryo bwemewe n'amategeko utagishoboye gusubira mu gihugu cye ashobora gusaba sitati y'ubuhunzi mbere y'uko uruhushya rwo kuba mu Rwanda rurangira.</p>	<p>A person who is living lawfully in Rwanda and who is unable to return to his or her country may apply for refugee status before expiration of his or her residence permit.</p>	<p>Une personne qui réside légalement au Rwanda et qui n'est pas en mesure de retourner dans son pays peut demander le statut de réfugié avant l'expiration de son permis de séjour au Rwanda.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Uruhushya rw'agateganyo rwo kuba mu Rwanda</b></p>	<p><b><u>Article 10:</u> Temporary residence permit</b></p>	<p><b><u>Article 10:</u> Permis de séjour temporaire</b></p>
<p>(1) Iyo usaba sitati y'ubuhunzi amaze gusaba sitati y'ubuhunzi no kwiyandikisha, Urwego rumuha uruhushya rw'agateganyo rwo kuba mu Rwanda rumara amezi atatu.</p>	<p>(1) If an applicant for refugee status has already applied for refugee status and registered, the Organ issues to the applicant for refugee status a temporary residence permit valid for three months.</p>	<p>(1) Lorsque le demandeur du statut de réfugié a demandé le statut de réfugié et s'est enregistré, l'Organe lui octroie un permis de séjour temporaire valable pour trois mois.</p>

<p>(2) Igihe uruhushya rw'agateganyo rumara gishobora kongerwa iyo bibaye ngombwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 11: Ikiganiro n'usaba sitati y'ubuhunzi</u></b></p> <p>(1) Urwego rusuzuma ubusabe bw'usaba sitati y'ubuhunzi rumaze kugirana ikiganiro n'usaba sitati y'ubuhunzi no kwegeranya amakuru ya ngombwa.</p> <p>(2) Ikiganiro n'usaba sitati y'ubuhunzi kigomba –</p> <p>(a) kwandikwa cyangwa kubikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga cyose uko cyakabaye. Iyo cyandukuwe, usaba sitati y'ubuhunzi ahabwa umwanya wo gusuzuma ko handitswe ibyo yavuze kandi, byaba ngombwa, ahabaye ikosa hagakosorwa;</p> <p>(b) gukorwa mu buryo bwemerera usaba sitati y'ubuhunzi gusobanura mu buryo bwuzuye impamvu z'ubusabe bwe;</p>	<p>(2) The validity of temporary residence permit may be renewed if necessary.</p> <p><b><u>Article 11: Interview with the applicant for refugee status</u></b></p> <p>(1) The Organ considers application for refugee status after interviewing the applicant for refugee status and gathering necessary information.</p> <p>(2) Interview with the applicant for refugee status must –</p> <p>(a) be fully transcribed or electronically recorded in full. If the interview is transcribed, the applicant for refugee status is given the opportunity to review and, if necessary, where the mistake is done, is corrected;</p> <p>(b) be conducted under conditions which allow the applicant for refugee status to present the grounds for his or her application in a comprehensive manner;</p>	<p>(2) La validité du permis de séjour temporaire peut être renouvelée lorsqu'il est nécessaire.</p> <p><b><u>Article 11: Interview avec le demandeur du statut de réfugié</u></b></p> <p>(1) L'Organe examine la demande du statut de réfugié après avoir procédé à l'interview avec le demandeur du statut de réfugié et collecté les informations nécessaires.</p> <p>(2) L'interview avec le demandeur du statut de réfugié doit –</p> <p>(a) être intégralement transcrit ou enregistré électroniquement. Lorsque l'interview est transcrit, le demandeur du statut de réfugié a l'opportunité de le passer en revue et, si nécessaire, ou l'erreur est commise, elle corrigée ;</p> <p>(b) se dérouler dans des conditions permettant au demandeur du statut de réfugié de présenter les motifs de sa demande de manière exhaustive ;</p>
--	--	---

*Official Gazette n° Special Bis of 19/04/2024*

<p>(c) kwita ku mpamvu bwite no ku mpamvu rusange zigendanye n’ubusabe, harimo umuco w’aho usaba sitati y’ubuhunzi akomoka, igitsina n’ibindi;</p> <p>(d) gukorwa n’umuntu uhujye igitsina n’usaba sitati y’ubuhunzi iyo usaba sitati y’ubuhunzi abisabye, keretse iyo hari impamvu yo gukeka ko ubwo busabe bushingiye ku mpamvu zidafite aho zihuriye n’imbogamizi usaba sitati y’ubuhunzi afite mu kugaragaza impamvu z’ubusabe bwe ku buryo bwuzuye;</p> <p>(e) gukorwa hari umusemuzi ushoboye gutuma habaho kuvugana mu buryo bukwiye hagati y’usaba sitati y’ubuhunzi n’umubaza;</p> <p>(f) no gukorwa mu rurimi rwifuzwa n’usaba sitati y’ubuhunzi.</p> <p>(3) Iyo usaba sitati y’ubuhunzi ari munsi y’imyaka 18 –</p> <p>(a) aherekezwa n’umuntu mukuru wabazwa inshingano;</p>	<p>(c) take into account the personal and general circumstances surrounding the application, including the applicant’s cultural origin, gender and any other circumstance;</p> <p>(d) be conducted by a person of the same gender if the applicant for refugee status so requests, unless there is reason to believe that such a request is based on grounds which are not related to difficulties on the part of the applicant for refugee status to present the grounds of his or her application in a comprehensive manner;</p> <p>(e) be conducted in presence of an interpreter who is able to ensure appropriate communication between the applicant for refugee status and the interviewer; and</p> <p>(f) be conducted in the language preferred by the applicant for refugee status.</p> <p>(3) If the applicant for refugee status is under 18 years –</p> <p>(a) he or she is accompanied by a responsible adult;</p>	<p>(c) tenir compte des circonstances personnelles et générales entourant la demande, y compris l’origine culturelle, le genre et autres circonstances ;</p> <p>(d) être fait par une personne de même genre que le demandeur du statut des réfugiés lorsque ce dernier en fait la demande, à moins qu’il n’y ait des motifs de croire qu’une telle demande est fondée sur des motifs qui ne sont pas liés à des difficultés du demandeur du statut des réfugiés à présenter les motifs de sa demande de manière exhaustive ;</p> <p>(e) être fait en présence d’un interprète capable d’assurer une communication appropriée entre le demandeur du statut de réfugié et la personne qui mène l’entretien ; et</p> <p>(f) être fait dans une langue préférée par le demandeur du statut de réfugié.</p> <p>(3) Lorsque le demandeur du statut de réfugié est âgé de moins de 18 ans –</p> <p>(a) il est accompagné d’un adulte responsable;</p>
--	--	---

<p>(b) agirana ikiganiro n’umuntu wahawe amahugurwa mu kugirana ibiganiro n’abana;</p> <p>(c) kandi Urwego rugafata izindi ngamba za ngombwa zifasha umwana gusubiza atuje.</p> <p>(4) Urwego ruha usaba sitati y’ubuhunzi kopi y’ikiganiro rwakoranye na we, iyo ayisabye mu nyandiko.</p>	<p>(b) he or she is interviewed by a person trained in interviewing children; and</p> <p>(c) the Organ takes necessary measures to allow the child to answer calmly.</p> <p>(4) The Organ provides a copy of the interview to the applicant for refugee status, on written request.</p>	<p>(b) il est interviewé par une personne formée pour interviewer les enfants; et</p> <p>(c) l’organe prend les mesures nécessaires pour permettre à l’enfant de répondre posément.</p> <p>(4) L’Organe fournit une copie de l’interview du demandeur du statut des réfugiés, sur sa demande écrite.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 12: Gusuzuma ubusabe bwa sitati y’ubuhunzi no gufata icyemezo</u></b></p> <p>(1) Iyo Urwego rusuzuma ubusabe bwa sitati y’ubuhunzi, rwita kuri ibi bikurikira:</p> <p>(a) kutabogama, rugashingira gusa ku bimenyetso no ku ngingo n’amahame by’Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye impunzi n’amategeko arengera ikiremnamuntu;</p> <p>(b) gushingira ku isuzuma ricukumbuye riha usaba sitati y’ubuhunzi amahirwe yo –</p>	<p><b><u>Article 12: Consideration of the application for refugee status and decision-making</u></b></p> <p>(1) When considering the application for refugee status, the Organ takes into account the following:</p> <p>(a) being impartial, relying solely on evidence and provisions and principles of the Refugee Convention and humanitarian protection law;</p> <p>(b) basing on a thorough examination that gives the applicant for refugee status the opportunity –</p>	<p><b><u>Article 12: Examen de la demande du statut de réfugié et prise de décision</u></b></p> <p>(1) Au moment d’examiner la demande du statut de réfugié, l’Organe tient compte de ce qui suit:</p> <p>(a) être impartial, en se basant uniquement sur des preuves et des dispositions et principes de la Convention relative aux réfugiés et de la loi sur la protection humanitaire;</p> <p>(b) se baser sur un examen approfondi qui donne au demandeur du statut de réfugié l’opportunité de –</p>

*Official Gazette n° Special Bis of 19/04/2024*

<p>(i) gutanga ubusabe bwanditse no gutanga ibimenyetso bihamya ubusabe bwe;</p> <p>(ii) no kwitabira ikiganiro cy'ibazwa, gusobanura ubwe ubusabe bwe no gusubiza ibibazo Urwego rushobora kugira.</p> <p>(2) Urwego rugomba gushakisha amakuru agaragaza uko ibintu byifashe mu gihugu cy'usaba sitati y'ubuhunzi; rushobora kandi gusaba amakuru y'inyongera umuntu cyangwa urundi rwego.</p> <p>(3) icyemezo ku busabe bwa sitati y'ubuhunzi kigomba –</p> <p>(a) kuba cyanditse muri rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi mu Rwanda kandi, byaba ngombwa, kigahindurwa n'uhindura mu ndimi mu rurimi usaba yumva kugira ngo acyumve neza;</p> <p>(b) kugaragaza mu buryo burambuye impamvu gishingiyeho, haba ku byabaye no ku mategeko;</p>	<p>(i) to submit a written application and provide evidence supporting his or her application; and</p> <p>(ii) to attend interview, explain his or her application in person and answer questions the Organ may have.</p> <p>(2) The organ must obtain up to date information as to the general situation prevailing in the applicant's country of origin and may seek additional information from a person or any other organ.</p> <p>(3) The decision on the application for refugee status must –</p> <p>(a) be written in one of the official languages of Rwanda and, if necessary, translated by a translator into a language that the applicant understands for a perfect understanding;</p> <p>(b) indicate in details reasons for its basis, both in fact and in law; and</p>	<p>(i) soumettre une demande écrite et fournir des preuves appuyant sa demande; et</p> <p>(ii) participer à l'interview, expliquer personnellement sa demande et répondre aux questions que l'Organe peut se poser.</p> <p>(2) L'organe doit obtenir des informations à jour sur la situation générale prévalant dans le pays d'origine du demandeur du statut de réfugié et peut requérir des informations supplémentaires à une personne ou à un autre organe.</p> <p>(3) La décision sur la demande du statut de réfugié doit –</p> <p>(a) être rédigée dans l'une des langues officielles du Rwanda et, si nécessaire, traduit par un traducteur dans une langue que le demandeur comprend pour sa compréhension;</p> <p>(b) indiquer en détails les motifs de son fondement, tant en fait qu'en droit; et</p>
---	--	--



<p>(c) no kugaragariza uwasabye uburenganzira afite bwo kukijuririra n’uburyo bikorwa, iyo sitati y’ubuhunzi itatanzwe.</p> <p>(4) Nyuma yo gusuzuma ubusabe bwa sitati y’ubuhunzi, Urwego rushobora –</p> <p>(a) guha sitati y’ubuhunzi usaba; cyangwa</p> <p>(b) kwanga gutanga sitati y’ubuhunzi bitewe n’uko ubusabe budafite ishingiro.</p> <p>(5) Urwego rufata icyemezo ku busabe bwa sitati y’ubuhunzi mu gihe cy’amezi atandatu abarwa uherye igihe rwakiriye ubusabe. Iki gihe gishobora kongerwa nyuma yo gusobanurira uwasabye impamvu z’iyongerwa.</p>	<p>(c) inform the applicant of his or her right to appeal and the procedure to follow, in case of non-granting of refugee status.</p> <p>(4) After considering the application, the Organ may –</p> <p>(a) grant refugee status to the applicant; or</p> <p>(b) refuse to grant the refugee status due to unfounded application.</p> <p>(5) The Organ takes decision on the application for refugee status within six months from the date of the receipt of the application. This period may be extended after explaining reasons of extension to the applicant.</p>	<p>(c) informer le demandeur de son droit de faire appel et la procédure à suivre, en cas de non-octroi du statut de réfugié.</p> <p>(4) Après l’examen de la demande, l’Organe peut –</p> <p>(a) octroyer le statut de réfugié au demandeur; ou</p> <p>(b) refuser d’octroyer le statut de réfugié en raison de la demande sans fondement.</p> <p>(5) L’Organe prend la décision sur la demande du statut de réfugié endéans six mois à compter du jour de la réception de la demande. Ce délai peut être prolongé après avoir expliqué les motifs d’extension au demandeur.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 13: Kumenyesha usaba sitati y’ubuhunzi icyemezo cyafashwe ku busabe</u></b></p> <p>Urwego rumenyeshya mu nyandiko usaba sitati y’ubuhunzi icyemezo cyafashwe ku busabe bwe mu minsi irindwi ibarwa uherye igihe icyemezo cyafatiwe.</p>	<p><b><u>Article 13: Notifying the applicant for refugee status of the decision taken</u></b></p> <p>The Organ notifies the applicant for refugee status in writing of the decision taken on his or her application within seven days from the date the decision is taken.</p>	<p><b><u>Article 13: Notification au demandeur du statut de réfugié de la décision prise</u></b></p> <p>L’Organe notifie par écrit au demandeur du statut de réfugié la décision prise sur sa demande dans les sept jours à compter du jour de la prise de décision.</p>

<b>Ingingo ya 14: Gutanga sitati y’ubuhunzi ku bantu bahunze mu kivunge</b>	<b>Article 14: Granting refugee status to persons in mass influx situations</b>	<b>Article 14: Octroi du statut de réfugié aux personnes ayant fui en masse</b>
<p>(1) Abantu bahunze mu kivunge bashobora guhabwa sitati y’ubuhunzi mu buryo rusange. Icyo cyemezo gifatwa hakoreshejwe Iteka rya Minisitiri.</p> <p>(2) Gutanga sitati y’ubuhunzi muri rusange ku bahunze mu kivunge ntibibuza ko Urwego rushobora gusuzuma ubusabe bw’umuntu ku giti cye, mu gihe bibaye ngombwa.</p> <p>(3) Iyo bigaragaye ko mu bantu bahunze mu kivunge harimo abari basanzwe ari abasirikare cyangwa bari mu mitwe yitwaje intwaro, inzego bireba zubahiriza ibi bikurikira:</p> <p>(a) gutandukanya abasivili, abasirikare n’abandi bitwaje intwaro;</p> <p>(b) kwambura intwaro n’ibindi bikoresho bya gisirikare ababifite;</p> <p>(c) gushyira abari bafite intwaro ahantu hihariye kandi harinzwe no gufata imyirondoro yabo;</p>	<p>(1) Persons in mass influx situations may be granted refugee status at first glance. The decision is taken by an Order of the Minister.</p> <p>(2) The granting of refugee status at first glance does not prevent the Organ from considering individual application, where necessary.</p> <p>(3) If it appears that persons having fled in mass influx situations include former soldiers or former members of armed groups, relevant organs comply with the following:</p> <p>(a) to separate civilians from soldiers and other armed members;</p> <p>(b) to take weapons and other military equipment away from those who possess them;</p> <p>(c) to transfer former armed members to a specific guarded settlement and record their identification;</p>	<p>(1) Les personnes ayant fui en masse peuvent bénéficier du statut de réfugié de prime abord. Cette décision est prise par un arrêté du Ministre.</p> <p>(2) L’octroi du statut de réfugié de prime abord n’empêche pas l’Organe d’examiner la demande individuelle, lorsqu’il est nécessaire.</p> <p>(3) Lorsqu’il se révèle que les personnes ayant fui en masse comprennent des anciens soldats ou anciens membres de groupes armés, les organes concernés se conforment à ce qui suit:</p> <p>(a) séparer les civils des soldats et d’autres membres armés;</p> <p>(b) enlever des armes et autre matériel militaire à ceux qui les possèdent;</p> <p>(c) transférer les anciens membres armés à un endroit spécifique gardé et enregistrer leur identification;</p>

<p>(d) gusaba abari bafite intwaro kwitandukanya n'ibikorwa bya gisirikare.</p> <p>(4) Iyo abahoze ari abasirikare cyangwa abahoze mu mitwe yitwaje intwaro bahunze mu kivunge bitandukanyije n'ibikorwa bya gisirikare cyangwa by'imitwe yitwaje intwaro bajya mu cyiciro cy'abashobora gusaba sitati y'ubuhunzi.</p>	<p>(d) to ask former armed members to withdraw from military activities.</p> <p>(4) If former soldiers or former members of armed groups in mass influx withdraw from military activities or activities of armed groups, they fall under the category of those eligible to apply for refugee status.</p>	<p>(d) demander aux anciens membres armés de se désengager des activités militaires.</p> <p>(4) Lorsque les anciens soldats ou anciens membres de groupes armés ayant fui en masse se désengagent des activités militaires ou des activités de groupes armés, ils rentrent dans la catégorie de ceux qui sont éligibles à demander le statut de réfugié.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 15: Inama y'Ubujurire</u></b></p> <p>(1) Hashyizweho Inama y'Ubujurire ku mpunzi no ku basaba sitati y'ubuhunzi.</p> <p>(2) Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'Ubujurire. Rigena kandi imitunganyirize n'imikorere by'Inama y'Ubujurire.</p>	<p><b><u>Article 15: Appeal Tribunal</u></b></p> <p>(1) An Appeal Tribunal for refugees and applicants for refugee status is established.</p> <p>(2) A Presidential Order appoints members of the Appeal Tribunal. It also determines the organisation and functioning of the Appeal Tribunal.</p>	<p><b><u>Article 15: Conseil d'appel</u></b></p> <p>(1) Il est établi un Conseil d'appel pour les réfugiés et les demandeurs du statut de réfugié.</p> <p>(2) Un arrêté présidentiel nomme les membres du Conseil d'appel. Il détermine également l'organisation et le fonctionnement du Conseil d'appel.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 16: Kuregera icyemezo cy'Inama y'Ubujurire</u></b></p> <p>(1) Iyo usaba sitati y'ubuhunzi atanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'Inama y'Ubujurire, ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha mu minsi 30 ibarwa uherye igihe</p>	<p><b><u>Article 16: Filing a claim against the decision of the Appeal Tribunal</u></b></p> <p>(1) If a person applying for refugee status is not satisfied with the decision taken by the Appeal Tribunal, he or she may file the claim to the competent court within 30 days from the date he or she</p>	<p><b><u>Article 16: Introduction d'une requête contre la décision du Conseil d'appel</u></b></p> <p>(1) Lorsque le demandeur du statut de réfugié n'est pas satisfait de la décision prise par le Conseil d'appel, il peut saisir la juridiction compétente endéans 30 jours à compter du jour de</p>

<p>yamenyesherejwe icyemezo Inama y'Ubujurire yafashe ku busabe bwe.</p> <p>(2) Impunzi n'usaba sitati y'ubuhunzi afite uburenganzira bwo kuba mu Rwanda nyuma yo kuregera urukiko kugeza ku munsu Inama y'Ubujurire ifashe icyemezo ndakuka ku kirego cye.</p> <p><b><u>UMUTWE WA III: IMICUNGIRE Y'IMPUNZI N'ABASABA SITATI Y'UBUHUNZI</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 17: Kwandikwa n'ibyangombwa bihabwa uwahawe sitati y'ubuhunzi</u></b></p> <p>Urwego rwandika uwahawe sitati y'ubuhunzi mu bubiko bw'imyirondoro y'impunzi kandi rukamuha –</p> <p>(a) icyemezo cy'iyandikwa;</p> <p>(b) n'indangamuntu y'impunzi, mu gihe agejeje imyaka 16 y'ubukure.</p> <p><b><u>Ingingo ya 18: Kudahabwa sitati y'ubuhunzi</u></b></p> <p>Iyo usaba adahawe sitati y'ubuhunzi, ava mu Gihugu cyangwa agasaba kuhaguma atari</p>	<p>was notified of the decision taken by the Appeal Tribunal.</p> <p>(2) The refugee and the applicant for refugee status have the right to stay in Rwanda after filing the claim before the court until the date the Appeal Tribunal renders its irrevocable decision.</p> <p><b><u>CHAPTER III: MANAGEMENT OF REFUGEES AND APPLICANTS FOR REFUGEE STATUS</u></b></p> <p><b><u>Article 17: Registration and documents issued to a person granted refugee status</u></b></p> <p>The Organ registers a person granted refugee status in the database of refugees and given him or her –</p> <p>(a) a registration certificate; and</p> <p>(b) a refugee identification card, if he or she has attained 16 years of age.</p> <p><b><u>Article 18: Denial of refugee status</u></b></p> <p>If an applicant is denied refugee status, he or she exits the country or may apply to stay</p>	<p>la réception de la décision prise par le Conseil d'appel.</p> <p>(2) Le réfugié et le demandeur du statut de réfugié ont le droit de rester au Rwanda après avoir introduit la requête devant la juridiction jusqu'au jour où le Conseil d'appel rend sa décision finale.</p> <p><b><u>CHAPITRE III: GESTION DES RÉFUGIÉS ET DES DEMANDEURS DU STATUT DE RÉFUGIÉ</u></b></p> <p><b><u>Article 17: Enregistrement et les documents octroyés à une personne ayant obtenu le statut de réfugié</u></b></p> <p>L'Organe enregistre la personne qui a obtenu le statut de réfugié au registre des réfugiés et lui donne –</p> <p>(a) le certificat d'enregistrement; et</p> <p>(b) la carte d'identité de réfugié, lorsqu'elle a atteint l'âge de 16 ans.</p> <p><b><u>Article 18: Refus du statut de réfugié</u></b></p> <p>Lorsqu'un demandeur se voit refuser le statut de réfugié, il quitte le pays ou sollicite d'y</p>
--	--	---

<p>impunzi hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 19: Gutuza impunzi n’usaba sitati y’ubuhunzi</u></b></p> <p>(1) Iyo impunzi cyangwa usaba sitati y’ubuhunzi abihereye uburenganzira na Minisitiri, yemerewe gutura mu nkambi amaze kugaragaza indangamuntu y’impunzi cyangwa uruhushya rw’agateganyo rwo kuba mu Rwanda.</p> <p>(2) Amaze kugisha inama izindi nzego bireba, Minisitiri akena ahashyirwa inkambi n’uburyo bwo gucumbikira impunzi n’abasaba sitati y’ubuhunzi.</p> <p>(3) Iyo ubusabe bw’usaba sitati y’ubuhunzi bugisuzumwa, agenerwa aho aba iyo abisabye, igihe ategereje icyemezo ku busabe bwe.</p> <p>(4) Impunzi cyangwa usaba sitati y’ubuhunzi utagishaka kuba mu nkambi ashobora kwimukira ahandi akabimenyesha Minisitiri mu nyandiko.</p>	<p>without being a refugee in accordance relevant legislation.</p> <p><b><u>Article 19: Settlement of a refugee and an applicant for refugee status</u></b></p> <p>(1) If a refugee or an applicant for refugee status is authorised by the Minister, he or she is entitled to settle in a camp after exhibiting refugee identification card or temporary residence permit.</p> <p>(2) After consultation with other relevant organs, the Minister determines the location of camps and modalities for the settlement of refugees and applicants for refugee status.</p> <p>(3) If an application of a applicant for refugee status is being processed, upon request, he or she is entitled to a shelter pending the decision to his or her application.</p> <p>(4) A refugee or a applicant for refugee status who no longer wishes to stay in a camp may relocate to another place and notify the Minister in writing.</p>	<p>vivre sans être réfugié conformément à la législation en la matière.</p> <p><b><u>Article 19: Installation d’un réfugié et d’un demandeur du statut de réfugié</u></b></p> <p>(1) Lorsqu’un réfugié ou un demandeur du statut de réfugié est autorisé par le Ministre, il a le droit de s’installer dans un camp après avoir présenté une carte d’identité de réfugié ou un permis de séjour temporaire.</p> <p>(2) Après concertation avec d’autres organes concernés, le Ministre détermine l’emplacement des camps et les modalités d’installation des réfugiés et des demandeurs du statut de réfugié.</p> <p>(3) Lorsque la demande du demandeur du statut de réfugié est en cours de traitement, sur demande, il a droit à un abri en attendant la décision sur sa demande.</p> <p>(4) Un réfugié ou un demandeur du statut de réfugié qui ne veut plus demeurer dans un camp peut déménager vers un autre lieu et en informer le Ministre par écrit.</p>
--	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 20: Ubufasha buhabwa impunzi n’abasaba sitati y’ubuhunzi</u></b></p> <p>(1) Leta y’u Rwanda n’abafatanyabikorwa bafatanya mu bikorwa bijyanye no gufasha impunzi n’abasaba sitati y’ubuhunzi.</p> <p>(2) Umufatanyabikorwa wemerewe gukorera mu Rwanda, urwego rw’abikorera cyangwa umuntu ku giti cye wifuzaga gufasha impunzi n’abasaba sitati y’ubuhunzi bari mu nkambi cyangwa gukorana na Minisitiri mu mishinga igamije kuzamura imibereho myiza yabo, abisabira uburenganzira Minisitiri.</p>	<p><b><u>Article 20: Assistance to refugees and applicants for refugee status</u></b></p> <p>(1) The Government of Rwanda and partners jointly participate in refugee and applicants for refugee status assistance related activities.</p> <p>(2) A partner approved to operate in Rwanda, private organisation or individual, that wishes to assist refugees and applicants for refugee status in camps or to partner with the Ministry in implementing projects aiming at improving the welfare of refugees and applicants for refugee status requests for authorisation from the Minister.</p>	<p><b><u>Article 20: Assistance aux réfugiés et aux demandeurs du statut de réfugié</u></b></p> <p>(1) Le Gouvernement du Rwanda et les partenaires participent conjointement aux activités ayant trait à l’assistance aux réfugiés et aux demandeurs du statut de réfugié.</p> <p>(2) Un partenaire approuvé à opérer au Rwanda, une organisation privée ou une personne qui souhaite aider les réfugiés et les demandeurs du statut de réfugié dans les camps ou s’associer au Ministère pour mettre en œuvre des projets visant à améliorer le bien-être des réfugiés et des demandeurs du statut de réfugié demande l’autorisation du Ministre.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 21: Uburenganzira n’inshingano by’impunzi n’usaba sitati y’ubuhunzi</u></b></p> <p>(1) Bitabangamiye andi mategeko, impunzi n’usaba sitati y’ubuhunzi bafite uburenganzira n’ubwisanzure biteganywa n’amasezerano mpuzamahanga yerekeye impunzi n’abasaba sitati y’ubuhunzi yemejwe na Leta y’u Rwanda n’andi masezerano yashyizweho umukono</p>	<p><b><u>Article 21: Rights and obligations of a refugee and applicant for refugee status</u></b></p> <p>(1) Without prejudice to other laws, a refugee and a applicant for refugee status enjoy the rights and liberties provided for by international treaties on refugees and applicants for refugee status ratified by Rwanda and other agreements signed between Rwanda and other countries.</p>	<p><b><u>Article 21: Droits et devoirs d’un réfugié et d’un demandeur du statut de réfugié</u></b></p> <p>(1) Sans préjudice d’autres lois, un réfugié et un demandeur du statut de réfugié jouissent des droits et des libertés prévues dans les traités internationaux relatifs aux réfugiés et aux demandeurs du statut de réfugié ratifiés par le Rwanda et d’autres accords signés entre le Rwanda et d’autres pays.</p>

<p>hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu.</p> <p>(2) Impunzi n'usaba sitati y'ubuhunzi bafite inshingano yo kubahiriza amategeko, amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu, amabwiriza akurikizwa mu Rwanda kimwe n'ibyemezo bigamije kubungabunga umutekano n'umudendezo rusange.</p> <p><b><u>Ingingo ya 22: Ishyingirwa ry'impunzi</u></b></p> <p>(1) Ishyingirwa ry'impunzi rikurikiza amategeko y'u Rwanda abigenga.</p> <p>(2) Ibyangombwa bisabwa impunzi mu gihe cy'ishyingirwa bitangwa n'umwanditsi w'irangamimerere w'aho impunzi iri ashingiyeye ku makuru n'ibyangombwa yahawe na Minisiteri.</p> <p>(3) Iyo impunzi ishyingiranywe n'Umunyarwanda, igumana sitati y'ubuhunzi, keretse ihawe ubwenegihugu nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga.</p>	<p>(2) A refugee and applicant for refugee status have an obligation to comply with laws, international treaties ratified by Rwanda, regulations in force in Rwanda as well as measures for public security and order.</p> <p><b><u>Article 22: Marriage of refugee</u></b></p> <p>(1) The marriage of a refugee is governed by relevant Rwandan legal provisions.</p> <p>(2) Documents required for marriage of a refugee are issued by a civil registrar of the place where the refugee is located on the basis of information and documents provided to him or her by the Ministry.</p> <p>(3) If a refugee is married to a Rwandan, he or she keeps his or her refugee status, unless he or she acquires Rwandan nationality in accordance with relevant laws.</p>	<p>(2) Un réfugié et un demandeur du statut de réfugié ont l'obligation de se conformer aux lois, aux traités internationaux ratifiés par le Rwanda, aux règlements en vigueur au Rwanda et aux mesures pour le maintien de la sécurité et de l'ordre public.</p> <p><b><u>Article 22: Mariage d'un réfugié</u></b></p> <p>(1) Le mariage d'un réfugié est régi par les dispositions législation rwandaise en la matière.</p> <p>(2) Les documents requis pour le mariage d'un réfugié sont octroyés par un officier de l'état civil du lieu où se trouve le réfugié sur base des informations et des documents lui remis par le Ministère.</p> <p>(3) Lorsqu'un réfugié se marie avec un rwandais, il conserve son statut de réfugié à moins d'acquérir la nationalité rwandaise conformément à la législation en la matière.</p>
---	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 23:</u> Ishyirwaho ry’ububiko bw’imyirondoro n’andi makuru y’impunzi n’abasaba sitati y’ubuhunzi</b></p> <p>(1) Urwego rushyiraho ububiko bw’imyirondoro n’andi makuru y’impunzi n’abasaba sitati y’ubuhunzi.</p> <p>(2) Urwego na Minisiteri basangira ku buryo buhoraho amakuru yerekeranye n’imicungire y’impunzi.</p>	<p><b><u>Article 23:</u> Establishment of a database of profiles and other information of refugees and applicants for refugee status</b></p> <p>(1) The Organ establishes a database of profiles and other information of refugees and applicants for refugee status.</p> <p>(2) The Organ and the Ministry regularly share information regarding the management of refugees.</p>	<p><b><u>Article 23:</u> Mise en place d’une base de données des profils et d’autres informations des réfugiés et des demandeurs du statut de réfugié</b></p> <p>(1) L’Organe met en place une base de données des profils et d’autres informations des réfugiés et des demandeurs du statut de réfugié.</p> <p>(2) L’Organe et le Ministère échangent régulièrement des informations concernant la gestion des réfugiés.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 24:</u> Gushakira impunzi ibisubizo birambye</b></p> <p>Gushakira impunzi ibisubizo birambye bikorwa binyujijwe mu –</p> <p>(a) guhunguka ku bushake;</p> <p>(b) gusaba ubwenegihugu hakurikijwe ibiteganywa n’amategeko y’u Rwanda;</p> <p>(c) cyangwa kwimukira mu kindi gihugu.</p>	<p><b><u>Article 24:</u> Quest for durable solutions for refugees</b></p> <p>The quest for durable solutions for refugees is made through –</p> <p>(a) voluntary repatriation;</p> <p>(b) naturalisation in accordance with laws of Rwanda; or</p> <p>(c) resettlement to another country.</p>	<p><b><u>Article 24:</u> Recherche des solutions durables pour les réfugiés</b></p> <p>La recherche des solutions durables pour les réfugiés se fait à travers –</p> <p>(a) le rapatriement volontaire;</p> <p>(b) la naturalisation conformément à la législation Rwandaise; ou</p> <p>(c) le déménagement vers un autre pays.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 25:</u> Kurangira kwa sitati y’ubuhunzi</b></p> <p>(1) Sitati y’ubuhunzi irangira ku muntu –</p>	<p><b><u>Article 25:</u> Cessation of refugee status</b></p> <p>(1) Refugee status ceases for a person who –</p>	<p><b><u>Article 25:</u> Cessation du statut de réfugié</b></p> <p>(1) Le statut de réfugié cesse pour une personne qui –</p>



<p>(a) wiyemeje ku bushake bwe kongera kurengerwa n'igihugu afitiye ubwenehugu;</p> <p>(b) wari waratakaje ubwenehugu nyuma akaza kongera kububona ku bushake;</p> <p>(c) ubonye ubundi bwenehugu kandi akarengerwa n'igihugu kibumuhaye;</p> <p>(d) usubiye ku bushake mu gihugu yari yarahunze;</p> <p>(e) cyangwa wari warahawe sitati y'ubuhunzi ariko atagifite uburenganzira bwo kwiyambaza igihugu yari yarahungiyemo ngo kimurengere kubera ko impamvu zari zaratumye ahabwa sitati y'ubuhunzi zitakiriho.</p> <p>(2) Impunzi ishaka kureka sitati y'ubuhunzi ibisaba mu ibaruwa yandikira Urwego kopi yayo igashyikirizwa Minisitiri.</p>	<p>(a) has voluntarily re-availed him or herself of the protection of the country of his or her nationality;</p> <p>(b) had lost his or her nationality and has voluntarily re-acquired it;</p> <p>(c) has acquired a new nationality and enjoys the protection of the country of his or her new nationality;</p> <p>(d) has voluntarily re-established him or herself in the country which he or she had fled; or</p> <p>(e) had been granted refugee status but can no longer continue to avail him or herself of the protection of the country of refugee status because the circumstances in connection with which he or she had been recognised as a refugee have ceased to exist.</p> <p>(2) A refugee who wishes to renounce refugee status requests it in the letter addressed to the Organ and its copy is submitted to the Minister.</p>	<p>(a) s'est volontairement réclamée à nouveau de la protection du pays dont elle a la nationalité;</p> <p>(b) avait perdu sa nationalité et l'a volontairement recouvrée;</p> <p>(c) a acquis une nouvelle nationalité et jouit de la protection du pays dont elle a acquis la nationalité;</p> <p>(d) est retournée volontairement s'établir dans le pays qu'elle avait quitté; ou</p> <p>(e) avait obtenu le statut de réfugié mais ne peut plus continuer à se réclamer de la protection du pays du statut de réfugié parce que les circonstances selon lesquelles elle avait été reconnue comme réfugié ont cessé d'exister.</p> <p>(2) Un réfugié qui souhaite renoncer au statut de réfugié fait la demande dans une lettre adressée à l'Organe et sa copie est soumise au Ministre.</p>
--	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 26: Kwamburwa sitati y’ubuhunzi</u></b></p> <p>(1) Urwego rushobora kwambura umuntu sitati y’ubuhunzi iyo bigaragaye ko uwo muntu –</p> <p>(a) abangamiye umutekano w’Igihugu n’umudendezo rusange;</p> <p>(b) cyangwa atari yemerewe guhabwa sitati y’ubuhunzi hashingiwe ku makuru yamenyekanye nyuma.</p> <p>(2) Umuntu wambuwe sitati y’ubuhunzi amenyeshwa icyo cyemezo n’Urwego mu nyandiko.</p>	<p><b><u>Article 26: Revocation of refugee status</u></b></p> <p>(1) The Organ may revoke refugee status from a person if it appears that the person –</p> <p>(a) is a threat to national security and public order; or</p> <p>(b) was not eligible to be granted refugee status in light of information discovered later.</p> <p>(2) A person whose refugee status is revoked is notified in writing of the decision by the Organ.</p>	<p><b><u>Article 26: Révocation du statut de réfugié</u></b></p> <p>(1) L’Organe peut révoquer le statut de réfugié d’une personne lorsqu’il apparaît que cette personne –</p> <p>(a) constitue une menace pour la sécurité nationale et l’ordre public; ou</p> <p>(b) n’était pas éligible à obtenir le statut de réfugié à la lumière d’informations découvertes ultérieurement.</p> <p>(2) Une personne dont le statut de réfugié est révoqué est informée par écrit de cette décision par l’Organe.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 27: Kutirukanwa</u></b></p> <p>Impunzi cyangwa usaba sitati y’ubuhunzi ntibashobora kwirukanwa mu Rwanda cyangwa koherezwa ku gahato mu kindi gihugu aho ubuzima cyangwa ubwisanzure bwabo bushobora kubangamirwa. Icyakora, Urwego rushobora kwirukana uwambuwe sitati y’ubuhunzi cyangwa usaba sitati y’ubuhunzi ku butaka bw’u Rwanda mu nyungu z’umutekano w’Igihugu n’umudendezo rusange.</p>	<p><b><u>Article 27: Non-refoulement</u></b></p> <p>A refugee or an applicant for refugee status cannot be expelled from Rwanda or deported to a country where his or her life or liberty could be threatened. However, the Organ may expel from the Rwandan territory a person whose refugee status is revoked in the interest of national security and public order.</p>	<p><b><u>Article 27: Non-refoulement</u></b></p> <p>Un réfugié ou un demandeur du statut de réfugié ne peut pas être expulsé du Rwanda ou déporté vers un pays où sa vie ou sa liberté seraient menacées. Toutefois, l’Organe peut expulser du territoire rwandais une personne dont le statut de réfugié est révoqué dans l’intérêt de la sécurité nationale et de l’ordre public.</p>

<b><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></b>	<b><u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES</u></b>
<p><b><u>Ingingo ya 28: Ingingo y’ururimi</u></b></p> <p>Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p>	<p><b><u>Article 28: Language provision</u></b></p> <p>This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p>	<p><b><u>Article 28: Disposition linguistique</u></b></p> <p>La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 29: Ingingo ivanaho</u></b></p> <p>Itegeko n° 13<sup>ter</sup>/2014 ryo ku wa 21/05/2014 ryerekeye impunzi rivanyweho.</p>	<p><b><u>Article 29: Repealing provision</u></b></p> <p>Law n° 13<sup>ter</sup>/2014 of 21/05/2014 relating to refugees is repealed.</p>	<p><b><u>Article 29: Disposition abrogatoire</u></b></p> <p>La Loi n° 13<sup>ter</sup>/2014 du 21/05/2014 relative aux réfugiés est abrogée.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 30: Gutangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 30: Entry into force</u></b></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 30: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>

Kigali, 19/04/2024

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w’Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**  
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**  
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

<p><b>ITEKA RYA PEREZIDA N° 051/01 RYO KU WA 19/04/2024 RIGENGA INAMA Y'UBUJURIRE KU MPUNZI N'ABASABA SITATI Y'UBUHUNZI</b></p>	<p><b>PRESIDENTIAL ORDER N° 051/01 OF 19/04/2024 GOVERNING THE APPEAL TRIBUNAL FOR REFUGEES AND APPLICANTS FOR REFUGEE STATUS</b></p>	<p><b>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 051/01 DU 19/04/2024 RÉGISSANT LE CONSEIL D'APPEL POUR LES RÉFUGIÉS ET LES DEMANDEURS DU STATUT DE RÉFUGIÉ</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></b></p>	<p><b><u>Article One: Purpose of this Order</u></b></p>	<p><b><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Ubuzima gatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere no mu micungire y'umutungo</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Legal personality, independence and administrative and financial autonomy</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Personnalité juridique, indépendance et autonomie administrative et financière</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Urwego rureberera Inama y'Ubujurire</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Supervising authority of the Appeal Tribunal</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Autorité de tutelle du Conseil d'Appel</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Icyicaro cy'Inama y'Ubujurire</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Head office of the Appeal Tribunal</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Siège du Conseil d'Appel</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: ORGANISATION</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II: ORGANISATION</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Abagize Inama y'Ubujurire</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Members of the Appeal Tribunal</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Membres du Conseil d'Appel</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Ibyo uri mu bagize Inama y'Ubujurire agomba kuba yujuje</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: Requirements for being a member of the Appeal Tribunal</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: Conditions requises pour être membre du Conseil d'Appel</u></b></p>

<p><b><u>Ingingo ya 7:</u></b> Manda y’abagize Inama y’Ubujurire</p>	<p><b><u>Article 7:</u></b> Term of office of members of the Appeal Tribunal</p>	<p><b><u>Article 7:</u></b> Mandat des membres du Conseil d’Appel</p>
<p><b><u>Ingingo ya 8:</u></b> Ibigenerwa abagize Inama y’Ubujurire</p>	<p><b><u>Article 8:</u></b> Allowances allocated to members of the Appeal Tribunal</p>	<p><b><u>Article 8:</u></b> Avantages alloués aux membres du Conseil d’Appel</p>
<p><b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Impamvu zituma uri mu bagize Inama y’Ubujurire avya muri uwo mwanya n’uko asimburwa</p>	<p><b><u>Article 9:</u></b> Grounds for termination of office of a member of the Appeal Tribunal and modalities for his or her replacement</p>	<p><b><u>Article 9:</u></b> Motifs de cessation des fonctions d’un membre du Conseil d’Appel et modalités de son remplacement</p>
<p><b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Inshingano za Biro y’Inama y’Ubujurire</p>	<p><b><u>Article 10:</u></b> Responsibilities of the Bureau of the Appeal Tribunal</p>	<p><b><u>Article 10:</u></b> Attributions du Bureau du Conseil d’Appel</p>
<p><b><u>UMUTWE WA III: IMIKORERE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER III: FUNCTIONING</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Imikorere ya Biro y’Inama y’Ubujurire</p>	<p><b><u>Article 11:</u></b> Functioning of the Bureau of the Appeal Tribunal</p>	<p><b><u>Article 11:</u></b> Fonctionnement du Bureau du Conseil d’Appel</p>
<p><b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Itangwa ry’ubujurire</p>	<p><b><u>Article 12:</u></b> Submission of the appeal request</p>	<p><b><u>Article 12:</u></b> Formulation de l’appel</p>
<p><b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Igihe icyemezo ku bujurire gifatirwa n’imenyeshwa ryacyo</p>	<p><b><u>Article 13:</u></b> Time frame for making a decision on the appeal and its notification</p>	<p><b><u>Article 13:</u></b> Délai de prise de la décision sur l’appel et sa notification</p>
<p><b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Kwitaba Inama y’Ubujurire</p>	<p><b><u>Article 14:</u></b> Appearing before the Appeal Tribunal</p>	<p><b><u>Article 14:</u></b> Comparution devant le Conseil d’Appel</p>
<p><b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Ihame ry’ubwisanzure mu gutanga ibimenyetso</p>	<p><b><u>Article 15:</u></b> Principle of freedom of evidence</p>	<p><b><u>Article 15:</u></b> Principe de la liberté de la preuve</p>
<p><b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Kumva ubujurire</p>	<p><b><u>Article 16:</u></b> Hearing of the appeal</p>	<p><b><u>Article 16:</u></b> Audition de l’appel</p>

<b><u>Ingingo ya 17:</u> Iyimirwa cyangwa isubikwa byo kumva ubujurire</b>	<b><u>Article 17:</u> Adjourning or postponing hearing of an appeal</b>	<b><u>Article 17:</u> Ajournement ou remise d'un recours en appel</b>
<b><u>Ingingo ya 18:</u> Kutitaba Inama y'Ubujurire</b>	<b><u>Article 18:</u> Failure to appear before the Appeal Tribunal</b>	<b><u>Article 18:</u> Défaut de comparution devant le Conseil d'Appel</b>
<b><u>Ingingo ya 19:</u> Inteko ifata ibyemezo</b>	<b><u>Article 19:</u> Bench</b>	<b><u>Article 19:</u> Siège</b>
<b><u>Ingingo ya 20:</u> Abagize Ubwanditsi bw'Inama y'Ubujurire</b>	<b><u>Article 20:</u> Composition of the Registry of the Appeal Tribunal</b>	<b><u>Article 20:</u> Composition du Greffe du Conseil d'Appel</b>
<b><u>Ingingo ya 21:</u> Inshingano z'Umwanditsi w'Inama y'Ubujurire</b>	<b><u>Article 21:</u> Responsibilities of the Registrar of the Appeal Tribunal</b>	<b><u>Article 21:</u> Attributions du Greffier du Conseil d'Appel</b>
<b><u>Ingingo ya 22:</u> Ishakwa n'imicungire by'abagize Ubwanditsi</b>	<b><u>Article 22:</u> Recruitment and management of members of the Registry</b>	<b><u>Article 22:</u> Recrutement et gestion des membres du Greffe</b>
<b><u>UMUTWE WA IV:</u> UMUTUNGO N'IMARI</b>	<b><u>CHAPTER IV:</u> PROPERTY AND FINANCES</b>	<b><u>CHAPITRE IV:</u> PATRIMOINE ET FINANCES</b>
<b><u>Ingingo ya 23:</u> Umutungo n'inkomoko yawo</b>	<b><u>Article 23:</u> Property and its sources</b>	<b><u>Article 23:</u> Patrimoine et ses sources</b>
<b><u>Ingingo ya 24:</u> Imicungire, imikoreshereze n'igenzura by'umutungo</b>	<b><u>Article 24:</u> Management, use and audit of property</b>	<b><u>Article 24:</u> Gestion, utilisation et audit du patrimoine</b>
<b><u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZISOZA</b>	<b><u>CHAPTER V:</u> FINAL PROVISIONS</b>	<b><u>CHAPITRE V:</u> DISPOSITIONS FINALES</b>
<b><u>Ingingo ya 25:</u> Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</b>	<b><u>Article 25:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</b>	<b><u>Article 25:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</b>

*Official Gazette n° Special Bis of 19/04/2024*

<b><u>Ingingo ya 26:</u> Ingingo y'ururimi</b>	<b><u>Article 26:</u> Language provision</b>	<b><u>Article 26:</u> Disposition linguistique</b>
<b><u>Ingingo ya 27:</u> Gutangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 27:</u> Entry into force</b>	<b><u>Article 27:</u> Entrée en vigueur</b>



<p><b>ITEKA RYA PEREZIDA N° 051/01 RYO KU WA 19/04/2024 RIGENGA INAMA Y'UBUJURIRE KU MPUNZI N'ABASABA SITATI Y'UBUHUNZI</b></p> <p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko n° 042/2024 ryo ku wa 19/04/2024 rigenga impunzi n'abasaba sitati y'ubuhunzi mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 15;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p><b>DUTEGETSE:</b></p>	<p><b>PRESIDENTIAL ORDER N° 051/01 OF 19/04/2024 GOVERNING THE APPEAL TRIBUNAL FOR REFUGEES AND APPLICANTS FOR REFUGEE STATUS</b></p> <p><b>We, KAGAME Paul,</b> President of the Republic;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;</p> <p>Pursuant to Law n° 042/2024 of 19/04/2024 governing refugees and applicants for refugee status in Rwanda, especially in Article 15;</p> <p>On proposal by the Minister of Justice and Attorney General;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet;</p> <p><b>DO ORDER:</b></p>	<p><b>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 051/01 DU 19/04/2024 RÉGISSANT LE CONSEIL D'APPEL POUR LES RÉFUGIÉS ET LES DEMANDEURS DU STATUT DE RÉFUGIÉ</b></p> <p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda;</p> <p>Vu la Loi n° 042/2024 du 19/04/2024 régissant les réfugiés et les demandeurs du statut de réfugié au Rwanda, spécialement en son article 15;</p> <p>Sur proposition de la Justice et Garde des Sceaux;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres;</p> <p><b>ARRÊTONS:</b></p>
---	---	--

<p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></b></p> <p>Iri teka rigena imitunganyirize n'imikorere by'Inama y'Ubujurire ku mpunzi n'abasaba sitati y'ubuhunzi, yitwa «Inama y'Ubujurire » mu ngingo zikirikira.</p> <p><b><u>Ingingo ya 2: Ubuzima gatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere no mu micungire y'umutungo</u></b></p> <p>Inama y'Ubujurire ifite ubuzima gatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere no mu micungire y'abakozi n'umutungo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 3: Urwego rureberera Inama y'Ubujurire</u></b></p> <p>Inama y'Ubujurire irebererwa na Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano.</p> <p><b><u>Ingingo ya 4: Icyicaro cy'Inama y'Ubujurire</u></b></p> <p>Icyicaro cy'Inama y'Ubujurire gishyizwe mu Muji wa Kigali.</p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article One: Purpose of this Order</u></b></p> <p>This Order determines the organisation and functioning of the Appeal Tribunal for refugees and applicants for refugee status, hereafter referred as “Appeal Tribunal”.</p> <p><b><u>Article 2: Legal personality, independence and administrative and financial autonomy</u></b></p> <p>The Appeal Tribunal has legal personality, independence and enjoys administrative and financial autonomy.</p> <p><b><u>Article 3: Supervising authority of the Appeal Tribunal</u></b></p> <p>The Appeal Tribunal is under supervision of the Ministry in charge of justice.</p> <p><b><u>Article 4: Head office of the Appeal Tribunal</u></b></p> <p>The Head office of the Appeal Tribunal is located in the City of Kigali.</p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p> <p><b><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></b></p> <p>Le présent arrêté détermine l'organisation et le fonctionnement du Conseil d'Appel pour les réfugiés et les demandeurs du statut de réfugié, ci-après dénommé «Conseil d'Appel».</p> <p><b><u>Article 2: Personnalité juridique, indépendance et autonomie administrative et financière</u></b></p> <p>Le Conseil d'Appel est doté de la personnalité juridique, de l'indépendance et jouit de l'autonomie administrative et financière.</p> <p><b><u>Article 3: Autorité de tutelle du Conseil d'Appel</u></b></p> <p>Le Conseil d'Appel est placé sous la tutelle du Ministère ayant la justice dans ses attributions.</p> <p><b><u>Article 4: Siège du Conseil d'Appel</u></b></p> <p>Le siège du Conseil d'Appel est établi dans la Ville de Kigali.</p>
--	---	---

<p><b><u>UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: ORGANISATION</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II: ORGANISATION</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Abagize Inama y’Ubujurire</u></b></p> <p>Inama y’Ubujurire igizwe n’abantu batandatu nibura barimo abagize Biro igizwe n’Abaperezida babiri.</p> <p><b><u>Ingingo ya 6: Ibyo uri mu bagize Inama y’Ubujurire agomba kuba yujuje</u></b></p> <p>Uri mu bagize Inama y’Ubujurire agomba kuba yujuje ibi bikurikira:</p> <p>(a) atarahamwe n’icyaha cya genocide, ibyaha byibasiye inyokomuntu, ibyaha by’intambara n’icyaha cy’iterabwoba;</p> <p>(b) ari inyangamugayo;</p> <p>(c) afite ubumenyi n’inraribonye mu byerekeye –</p> <p>(i) amategeko y’impunzi no kurengera ikiremwamuntu;</p> <p>(ii) cyangwa amategeko agenga abimukira.</p>	<p><b><u>Article 5: Members of the Appeal Tribunal</u></b></p> <p>The Appeal Tribunal comprises of at least six members including members of the Bureau comprised of two Presidents.</p> <p><b><u>Article 6: Requirements for being a member of the Appeal Tribunal</u></b></p> <p>A member of the Appeal Tribunal must fulfil the following:</p> <p>(a) not have been convicted of the crime of genocide, crimes against humanity, war crimes and terrorism;</p> <p>(b) be a person of integrity;</p> <p>(c) have knowledge and experience in matters relating to –</p> <p>(i) refugee and humanitarian protection law; or</p> <p>(ii) immigration law.</p>	<p><b><u>Article 5: Membres du Conseil d’Appel</u></b></p> <p>Le Conseil d’Appel comprend six personnes au moins dont les membres du Bureau composé de deux présidents.</p> <p><b><u>Article 6: Conditions requises pour être membre du Conseil d’Appel</u></b></p> <p>Un membre du Conseil d’Appel doit remplir ce qui suit :</p> <p>(a) ne pas avoir été reconnu coupable du crime de génocide, des crimes contre l’humanité, des crimes de guerre et du terrorisme;</p> <p>(b) être intègre;</p> <p>(c) avoir les connaissances et l’expérience dans les domaines de –</p> <p>(i) droit des réfugiés et de la protection humanitaire; ou</p> <p>(ii) droit de l’immigration.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 7: Manda y’abagize Inama y’Ubujurire</u></b></p> <p>Abagize Inama y’Ubujurire bafite manda y’imyaka itatu ishobora kongerwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y’Ubujurire</u></b></p> <p>Inama y’Abaminisitiri yemeza ibigenerwa abagize Inama y’Ubujurire.</p> <p><b><u>Ingingo ya 9: Impamvu zituma uri mu bagize Inama y’Ubujurire ava muri uwo mwanya n’uko asimburwa</u></b></p> <p>(1) Ugize Inama y’Ubujurire ava muri uwo mwanya iyo –</p> <p>(a) manda ye irangiye;</p> <p>(b) yeguye akoresheje inyandiko;</p> <p>(c) atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga cyangwa uburwayi, byemejwe n’akanama k’abaganga batatu bemewe na Leta;</p> <p>(d) akatiwe igihano cy’igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi</p>	<p><b><u>Article 7: Term of office of members of the Appeal Tribunal</u></b></p> <p>Members of the Appeal Tribunal have a term of office of three years renewable.</p> <p><b><u>Article 8: Allowances allocated to members of the Appeal Tribunal</u></b></p> <p>The Cabinet approves the allowances allocated to members of the Appeal Tribunal.</p> <p><b><u>Article 9: Grounds for termination of office of a member of the Appeal Tribunal and modalities for his or her replacement</u></b></p> <p>(1) A member of the Appeal Tribunal loses membership if –</p> <p>(a) his or her term of office expires;</p> <p>(b) he or she resigns in writing;</p> <p>(c) he or she is no longer able to perform his or her duties due to the disability or illness certified by a committee of three authorized medical doctors;</p> <p>(d) he or she is sentenced to a term of imprisonment equal to or</p>	<p><b><u>Article 7: Mandat des membres du Conseil d’Appel</u></b></p> <p>Les membres du Conseil d’Appel ont un mandat de trois ans renouvelable.</p> <p><b><u>Article 8: Avantages alloués aux membres du Conseil d’Appel</u></b></p> <p>Le Conseil des Ministres approuve les avantages alloués aux membres du Conseil d’Appel.</p> <p><b><u>Article 9: Motifs de cessation des fonctions d’un membre du Conseil d’Appel et modalités de son remplacement</u></b></p> <p>(1) Un membre du Conseil d’Appel cesse d’être membre si –</p> <p>(a) son mandat expire;</p> <p>(b) il démissionne par écrit;</p> <p>(c) il n’est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d’handicap ou de maladie constaté par un comité de trois médecins agréés;</p> <p>(d) il est condamné à une peine d’emprisonnement égale ou</p>
--	---	--

<p>atandatu mu rubanza rwabayeye ndakuka;</p> <p>(e) cyangwa apfuye.</p> <p>(2) Ugize Inama y'Ubujurire weguye ku mirimo ashyikiriza Perezida wa Repubulika ubwegure bwe mu nyandiko.</p> <p>(3) Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubujurire avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda irangira, umusimbuye atangira manda nshya.</p> <p><b><u>Ingingo ya 10: Inshingano za Biro y'Inama y'Ubujurire</u></b></p> <p>Biro y'Inama y'Ubujurire ishinze ibi bikurikira:</p> <p>(a) guhitamo abandi bagize Inama y'Ubujurire;</p> <p>(b) kuyobora, gukurikirana no guhuriza hamwe imirimo y'Inama y'Ubujurire;</p> <p>(c) kugena abagize inteko yumva ubujurire n'uburyo inteko iteranamo;</p>	<p>exceeding six months in judgment rendered in last instance; or</p> <p>(e) he or she dies.</p> <p>(2) A member of the Appeal Tribunal who resigns tenders his or her resignation in writing to the President of the Republic.</p> <p>(3) If a member of the Appeal Tribunal ceases to hold office before the expiry of his or her term of office, his or her successor starts a new term of office.</p> <p><b><u>Article 10: Responsibilities of the Bureau of the Appeal Tribunal</u></b></p> <p>The Bureau of the Appeal Tribunal is in charge of the following:</p> <p>(a) selecting other members of the Appeal Tribunal;</p> <p>(b) heading, making follow-up on and coordinating activities of the Appeal Tribunal;</p> <p>(c) designating members of the bench that hears the appeal and modalities for hearing;</p>	<p>supérieure à six mois dans un jugement rendu en dernier ressort; ou</p> <p>(e) il décède.</p> <p>(2) Un membre du Conseil d'Appel qui démissionne présente sa démission par écrit au Président de la République.</p> <p>(3) Lorsqu'un membre du Conseil d'Appel cesse ses fonctions avant l'expiration de son mandat, son remplaçant commence un nouveau mandat.</p> <p><b><u>Article 10: Attributions du Bureau du Conseil d'Appel</u></b></p> <p>Le Bureau du Conseil d'Appel est chargé de ce qui suit:</p> <p>(a) la sélection des autres membres du Conseil d'Appel;</p> <p>(b) assurer la direction, le suivi et la coordination des activités du Conseil d'Appel;</p> <p>(c) la désignation des membres du siège qui juge l'appel et les modalités de siéger;</p>
--	---	---

<p>(d) guharanira ko ibyemezo bifatwa mu buryo butabogamyeye, hashingiwe ku bimenyetso kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amasezerano mpuzamahanga yerekeye impunzi n'amategeko arengera ikiremamunyu;</p> <p>(e) kugena ahandi hantu mu gihugu Inama y'Ubujurire ishobora guteranira, igihe bibaye ngombwa;</p> <p>(f) kwemeza amategeko ngengamikorere y'Inama y'Ubujurire ategurwa n'Umwanditsi.</p>	<p>(d) ensuring that decisions are made impartially, solely on the basis of evidence and in reference to the provisions and principles of the refugee Convention and humanitarian protection law;</p> <p>(e) determining any other place in the country at which the Appeal Tribunal may sit, if necessary;</p> <p>(f) adopting the internal rules and regulations of the Appeal Tribunal prepared by the Registrar.</p>	<p>(d) veiller à ce que les décisions soient prises de manière impartiale, uniquement sur base des éléments de preuve et en référence aux dispositions et aux principes de la convention relative au statut des réfugiés et du droit relatif à la protection humanitaire;</p> <p>(e) déterminer tout autre endroit dans le pays où le Conseil d'Appel peut siéger, en cas de besoin;</p> <p>(f) adopter le règlement d'ordre intérieur du Conseil d'Appel préparé par le Greffier.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA III: IMIKORERE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER III: FUNCTIONING</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 11: Imikorere ya Biro y'Inama y'Ubujurire</u></b></p>	<p><b><u>Article 11: Functioning of the Bureau of the Appeal Tribunal</u></b></p>	<p><b><u>Article 11: Fonctionnement du Bureau du Conseil d'Appel</u></b></p>
<p>Amategeko ngengamikorere y'Inama y'Ubujurire agena imikorere ya Biro y'Inama y'Ubujurire.</p>	<p>The internal rules and regulations of the Appeal Tribunal determine the functioning of the Bureau of the Appeal Tribunal.</p>	<p>Le règlement d'ordre intérieur du Conseil d'Appel détermine le fonctionnement du Bureau du Conseil d'Appel.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 12: Itangwa ry'ubujurire</u></b></p>	<p><b><u>Article 12: Submission of the appeal request</u></b></p>	<p><b><u>Article 12: Formulation de l'appel</u></b></p>
<p>(1) Ubusabe bw'ubujurire bugaragaza ibi bikurikira:</p>	<p>(1) The appeal request indicates the following:</p>	<p>(1) La demande en appel indique ce qui suit:</p>

<p>(a) amazina y’uwajuriye;</p> <p>(b) aderesi y’iposita cyangwa iy’ikoranabuhanga y’uwajuriye na nomero za telefoni, iyo bihari;</p> <p>(c) uhagarariye ujurira, mu gihe ujurira ahisemo guhagararirwa;</p> <p>(d) impamvu z’ubujurire.</p> <p>(2) Ubujurire butangwa mu nyandiko buherekejwe n’inyandiko y’icyemezo kijuririrwa mu gihe cy’iminsi 30 ibarwa uherye umunsi ujurira yamenyesherejweho icyemezo ajuririra.</p>	<p>(a) names of the appellant;</p> <p>(b) appellant’s postal address or electronic mail address and telephone number, if available;</p> <p>(c) the appellant’s representative, if the appellant chooses to be represented;</p> <p>(d) reasons for the appeal.</p> <p>(2) The appeal request is submitted in writing with a copy of the decision subject to appeal attached as an annex 30 days from the notification of the decision subject to appeal.</p>	<p>(a) les noms de l’appellant;</p> <p>(b) l’adresse postale ou électronique de l’appellant et le numéro de téléphone, s’il y en a;</p> <p>(c) le représentant de l’appellant, si l’appellant choisit d’être représenté;</p> <p>(d) les motifs d’appel.</p> <p>(2) La demande en appel est présentée par écrit avec la copie de la décision faisant objet d’appel en annexe dans un délai de 30 jours à compter de la notification de la décision faisant l’objet d’appel.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 13: Igihe icyemezo ku bujurire gifatirwa n’imenyeshwa ryacyo</u></b></p> <p>(1) Inama y’Ubujurire ifata icyemezo mu gihe kitarenze amezi atandatu abarwa uherye igihe yagerejweho ubujurire.</p> <p>(2) Icyemezo cy’Inama y’Ubujurire kimenyeshwa uwajuriye mu nyandiko mu minsi irindwi nyuma y’umunsi cyafatiweho, hakoreshejwe uburyo bwose bwemewe bwo gutanga inyandiko.</p>	<p><b><u>Article 13: Time frame for making a decision on the appeal and its notification</u></b></p> <p>(1) The Appeal Tribunal makes the decision within six months of its referral.</p> <p>(2) The decision of the Appeal Tribunal is notified to the appellant in writing within seven days, after the day of decision taking, using any of the acceptable methods of delivery of documents.</p>	<p><b><u>Article 13: Délai de prise de la décision sur l’appel et sa notification</u></b></p> <p>(1) Le Conseil d’Appel prend la décision dans un délai de six mois à compter de sa saisine.</p> <p>(2) La décision du Conseil d’Appel doit être notifiée à l’appellant par écrit endéans sept jours suivant la date de la prise de décision, en utilisant toutes méthodes acceptées de livraison des documents.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 14: Kwitaba Inama y’Ubujurire</u></b></p> <p>Uwajuriye ashobora kwitaba Inama y’Ubujurire ubwe, kunganirwa cyangwa guhagararirwa na avoka.</p>	<p><b><u>Article 14: Appearing before the Appeal Tribunal</u></b></p> <p>The appellant may appear in person, be assisted or represented by an advocate.</p>	<p><b><u>Article 14: Comparution devant le Conseil d’Appel</u></b></p> <p>L’appelant peut comparaître en personne, être assisté ou représenté par un avocat.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 15: Ihame ry’ubwisanzure mu gutanga ibimenyetso</u></b></p> <p>Uwajuriye afite ubwisanzure bwo gutanga ikimenyetso cyose asanga cyatanga umucyo ku bujurire bwe.</p>	<p><b><u>Article 15: Principle of freedom of evidence</u></b></p> <p>The appellant has the freedom to produce any evidence likely to clarify the decision-making on his or her request.</p>	<p><b><u>Article 15: Principe de la liberté de la preuve</u></b></p> <p>L’appelant a la liberté de produire toute preuve susceptible d’éclaircir la prise de décision sur sa demande.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 16: Kumva ubujurire</u></b></p> <p>(1) Kumva ubujurire bikorwa ku muni ugenwa na Biro y’Inama y’Ubujurire ukamenyeshwa uwajuriye.</p> <p>(2) Kumva ubujurire bishyirwa mu nyandiko cyangwa bikandikwa mu buryo bw’ikoranabuhanga.</p> <p>(3) Kumva ubujurire bikorwa hitabwa ku mpamvu z’umwihariko cyangwa rusange zerekeye ubujurire harimo ibijyanye n’umuco w’uwajuriye, inkomoko ye, igitsina, cyangwa aho agaragaza intege nke.</p>	<p><b><u>Article 16: Hearing of the appeal</u></b></p> <p>(1) The hearing of the appeal takes place on the day fixed by the Bureau of the Appeal Tribunal and is notified to appellant.</p> <p>(2) The hearing of the appeal is transcribed or electronically recorded.</p> <p>(3) Hearings are conducted in a way which takes account of the personal and general circumstances surrounding the application, including the appellant’s cultural origin, gender or vulnerability.</p>	<p><b><u>Article 16: Audition de l’appel</u></b></p> <p>(1) L’audition de l’appel se fait au jour fixé par le Bureau du Conseil d’Appel et est notifiée à l’appelant.</p> <p>(2) L’audition de l’appel est transcrite ou enregistrée électroniquement.</p> <p>(3) Les auditions sont menées de manière à tenir compte des circonstances personnelles et générales entourant la demande, y compris l’origine culturelle, le genre, ou la vulnérabilité de l’appelant.</p>



<p><b><u>Ingingo ya 17: Iyimirwa cyangwa isubikwa byo kumva ubujurire</u></b></p> <p>(1) Ku mpamvu zitunguranye kandi zumvikana, Inama y’Ubujurire, ibisabwe cyangwa ibyibwirije, ishobora kwimura cyangwa gusubika kumva ubujurire.</p> <p>(2) icyemezo cy’iyimirwa cyangwa isubikwa kigena igihe cy’isubukurwa.</p>	<p><b><u>Article 17: Adjourning or postponing hearing of an appeal</u></b></p> <p>(1) In case of unforeseen and valid reasons, the Appeal Tribunal, on request or its own initiative, may adjourn or postpone the hearing of an appeal.</p> <p>(2) The decision to adjourn or postpone an appeal hearing determines the date of resumption of the hearing.</p>	<p><b><u>Article 17: Ajournement ou remise d’un recours en appel</u></b></p> <p>(1) En cas de motifs imprévisibles et valables, le Conseil d’Appel, sur demande ou de son propre initiative, peut ajourner ou remettre l’audition d’un recours en appel.</p> <p>(2) La décision d’ajournement ou de remise d’un recours en appel détermine la date de reprise de l’audition.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 18: Kutitaba Inama y’Ubujurire</u></b></p> <p>Iyo uwajuriye atitabye Inama y’Ubujurire nta mpamvu yamenyesheje, yongera guhamagarwa incuro imwe gusa. Iyo yongeye kutitaba, ubujurire bwe burasibwa.</p>	<p><b><u>Article 18: Failure to appear before the Appeal Tribunal</u></b></p> <p>When the appellant does not appear before the Appeal Tribunal without having presented reasons, he or she is ressumoned for once. If he or she does not appear again, his or her appeal is struck out.</p>	<p><b><u>Article 18 : Défaut de comparution devant le Conseil d’Appel</u></b></p> <p>Lorsque l’appelant ne comparait pas devant le Conseil d’Appel sans avoir présenté de motifs, il est de nouveau assigné pour une seule fois. S’il ne comparait pas à nouveau, son appel est radié.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 19: Inteko ifata ibyemezo</u></b></p> <p>(1) Inama y’Ubujurire ifatira ibyemezo mu nteko ifata ibyemezo igizwe n’abantu batatu.</p> <p>(2) Iyo uri mu bagize inteko ifata icyemezo agize impamvu imubuza</p>	<p><b><u>Article 19: Bench</u></b></p> <p>(1) The Appeal Tribunal makes its decisions through a bench composed of three persons.</p> <p>(2) If a person who is part of a bench of decision-making has a reason</p>	<p><b><u>Article 19: Siège</u></b></p> <p>(1) Le Conseil d’Appel prend ses décisions à travers un siège composé de trois personnes.</p> <p>(2) Lorsqu’une personne qui fait partie d’un siège de prise de décision a un</p>

<p>gukomeza gusuzuma ikibazo cy'ubujurire arasimbuzwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Abagize Ubwanditsi bw'Inama y'Ubujurire</b></p> <p>Ubwanditsi bw'Inama y'Ubujurire bugizwe n'Umwanditsi n'abandi bakozi kandi bwunganira Inama y'Ubujurire mu mirimo yayo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Inshingano z'Umwanditsi w'Inama y'Ubujurire</b></p> <p>Umwanditsi w'Inama y'Ubujurire afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) guhuza no kuyobora imirimo yo mu rwego rwa tekiniki;</p> <p>(b) kuba Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta mu Nama y'Ubujurire;</p> <p>(c) kuba umwanditsi w'inama za Biro y'Inama y'Ubujurire;</p> <p>(d) gutegura gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire, gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo</p>	<p>preventing him or her from continuing the examination of the case subject to appeal, he or she is replaced.</p> <p><b><u>Article 20:</u> Composition of the Registry of the Appeal Tribunal</b></p> <p>The Registry of the Appeal Tribunal is made up of the Registrar and other staff members and supports the Appeal Tribunal in its function.</p> <p><b><u>Article 21:</u> Responsibilities of the Registrar of the Appeal Tribunal</b></p> <p>The Registrar of the Appeal Tribunal has the following responsibilities:</p> <p>(a) to coordinate and lead activities of a technical nature;</p> <p>(b) to serve as the Chief Budget Manager of the Appeal Tribunal;</p> <p>(c) to serve as the rapporteur of the meetings of the Bureau of the Appeal Tribunal;</p> <p>(d) to develop the strategic plan, the action plan and the draft budget proposal of the Appeal Tribunal;</p>	<p>motif l'empêchant de continuer l'examen du cas faisant objet d'appel, il est remplacé.</p> <p><b><u>Article 20:</u> Composition du Greffe du Conseil d'Appel</b></p> <p>Le Greffe du Conseil d'Appel est composé du Greffier et des autres membres du personnel et le soutient dans sa fonction.</p> <p><b><u>Article 21:</u> Attributions du Greffier du Conseil d'Appel</b></p> <p>Le Greffier du Conseil d'Appel a les attributions suivantes:</p> <p>(a) coordonner et diriger les activités d'ordre technique;</p> <p>(b) servir de Gestionnaire principal du budget du Conseil d'Appel;</p> <p>(c) être le rapporteur des réunions du Bureau du Conseil d'Appel;</p> <p>(d) élaborer le plan stratégique, le plan d'action et l'avant-projet du budget du Conseil d'Appel;</p>
---	---	---

**Official Gazette n° Special Bis of 19/04/2024**

<p>y'imari by'Inama y'Ubujurire;</p> <p>(e) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa;</p> <p>(f) gucunga abakozi, imari n'umutungo by'Inama y'Ubujurire;</p> <p>(g) gutegura inyandiko zisuzumwa mu nama za Biro y'Inama y'Ubujurire;</p> <p>(h) gushyira mu bikorwa ibyemezo bya Biro y'Inama y'Inama y'Ubujurire;</p> <p>(i) gutegura raporo z'ibikorwa by'Inama y'Ubujurire z'igihembwe n'iz'umwaka;</p> <p>(j) gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere y'Inama y'Ubujurire;</p> <p>(k) gukora undi murimo wose ujyanye n'inshingano z'Inama y'Ubujurire yahabwa na Biro.</p>	<p>(e) to monitor the implementation of the action plan;</p> <p>(f) to manage staff members, finances and property of the Appeal Tribunal;</p> <p>(g) to prepare documents to be considered at the meetings of the Bureau of the Appeal Tribunal;</p> <p>(h) to implement the decisions of the Bureau of the Appeal Tribunal;</p> <p>(i) to prepare quarterly and annual activity reports of the Appeal Tribunal;</p> <p>(j) to prepare the draft internal rules and regulations of the Appeal Tribunal;</p> <p>(k) to perform any other duty falling within the responsibilities of the Appeal Tribunal as may be assigned by the Bureau.</p>	<p>(e) assurer le suivi de la mise en œuvre du plan d'action;</p> <p>(f) gérer les membres du personnel, les finances et le patrimoine du Conseil d'Appel;</p> <p>(g) préparer les documents devant être examinés lors des réunions du Bureau du Conseil d'Appel;</p> <p>(h) mettre en exécution les décisions du Bureau du Conseil d'Appel;</p> <p>(i) élaborer les rapports d'activités trimestriels et annuels du Conseil d'Appel;</p> <p>(j) préparer le projet de règlement d'ordre intérieur du Conseil d'Appel;</p> <p>(k) accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'Appel pouvant lui être assignée par le Bureau.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 22:</u> Ishakwa n'amicungire by'abagize Ubwanditsi</b></p>	<p><b><u>Article 22:</u> Recruitment and management of members of the Registry</b></p>	<p><b><u>Article 22:</u> Recrutement et gestion des membres du Greffe</b></p>
<p>Abagize Ubwanditsi bashakwa kandi</p>	<p>Members of the Registry are recruited and</p>	<p>Les membres du Greffe sont recrutés et gérés</p>

<p>bagacungwa hakurikijwe ibiteganywa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.</p>	<p>managed in accordance with the provisions of the general statute governing public servants.</p>	<p>conformément aux dispositions du statut général régissant les agents de l'État.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCES</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 23: Umutungo n'inkomoko yawo</u></b></p>	<p><b><u>Article 23: Property and its sources</u></b></p>	<p><b><u>Article 23 : Patrimoine et ses sources</u></b></p>
<p>(1) Umutungo w'Inama y'Ubujurire ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.</p> <p>(2) Umutungo w'Inama y'Ubujurire ukomoka ku –</p> <p>(a) ngengo y'imari igenerwa na Leta;</p> <p>(b) nkunga y'abafatanyabikorwa;</p> <p>(c) impano;</p> <p>(d) n'indagano.</p>	<p>(1) The property of the Appeal Tribunal consists of movable and immovable assets.</p> <p>(2) The property of the Appeal Tribunal derives from –</p> <p>(a) State budget allocations;</p> <p>(b) partners' subsidies;</p> <p>(c) donations; and</p> <p>(d) bequests.</p>	<p>(1) Le patrimoine du Conseil d'Appel est composé des biens meubles et immeubles.</p> <p>(2) Le patrimoine du Conseil d'Appel provient de –</p> <p>(a) les dotations budgétaires de l'État;</p> <p>(b) les subventions des partenaires;</p> <p>(c) les dons; et</p> <p>(d) les legs.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 24: Imicungire, imikoreshereze n'igenzura by'umutungo</u></b></p>	<p><b><u>Article 24: Management, use and audit of property</u></b></p>	<p><b><u>Article 24: Gestion, utilisation et audit du patrimoine</u></b></p>
<p>(1) Imicungire, imikoreshereze n'igenzura by'umutungo w'Inama y'Ubujurire bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>(1) The management, use and audit of the property of the Appeal Tribunal are carried out in accordance with relevant laws.</p>	<p>(1) La gestion, l'utilisation et l'audit du patrimoine du Conseil d'Appel sont effectués conformément à la législation en la matière.</p>

<p>(2) Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsu ry'imikoreshereze y'umutungo w'Inama y'Ubujurire buha raporo ya buri gihembwe Biro yayo.</p> <p><b><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 25: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u></b></p> <p>Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Minisitiri ushinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p> <p><b><u>Ingingo ya 26: Ingingo y'ururimi</u></b></p> <p>Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 27: Gutangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>(2) The internal audit service of the Appeal Tribunal submits a quarterly report to the Bureau of the Appeal Tribunal.</p> <p><b><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 25: Authorities responsible for the implementation of this Order</u></b></p> <p>The Prime Minister, the Minister of Justice and Attorney General, the Minister in charge of Emergency Management, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p> <p><b><u>Article 26: Language provision</u></b></p> <p>This Order was drafted in Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 27: Entry into force</u></b></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>(2) Le service d'audit interne du Conseil d'Appel transmet un rapport trimestriel au Bureau du Conseil d'Appel.</p> <p><b><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u></b></p> <p><b><u>Article 25: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u></b></p> <p>Le Premier Ministre, le Ministre de la Justice et Garde des Sceaux le Ministre chargé de Secours, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p> <p><b><u>Article 26: Disposition linguistique</u></b></p> <p>Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 27: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	--	---

Kigali, 19/04/2024

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**  
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**  
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux